Igisekuru Cy' Itorero Ry' I Sarudi

Jeffersonville, Indiana, USA
09 Ukuboza 1960

1 …umwami. Mwenedata yambwiraga mu kanya, ko hari - ko utwo dutambaro twari utw'umuntu wari ugiye kwicwa na kanseri. Tugiye rero kudusengera mu kanya. [Mwenedata Neville avuga ati: "Hari ibyifuzo bibiri hariya, ku rundi ruhande." - U.I.] Ibyifuzo bibiri? Ni byiza cyane, ni byiza cyane, wa mugabo we. Ngiye kudushyira aha ngo na two tudusengere.

2 Hanyuma, hari umaze kumpa inyandiko, anyuze hano kandi abisiga inyandiko hejuru - ku birebana n'amateraniro y'ejo. Mwebwe mwaje kudusura ino, turi bunezezwe no kubona muje ku gicamunsi, saa munani; ejo ku gicamunsi, hazaba ari umurimo wo gutega bande amatwi. Kandi niba ari nta cyo mufite cyo gukora… Byashoboka ko bacuranga imwe mu mabande utigeze kumva, hanyuma hakaza kubaho amateraniro y'amasengesho; twiringiye kuzagira ibihe byiza ejo kugicamunsi saa munani. Kizaba kuri nge ari igihe kitanyoroheye, mu by'ukuri, ejo, murabona, ngomba kwita ku bibwiriza bya mugitondo na nimugoroba byo kucyumweru, n'iby'ejo nimugoroba na byo, n'inkuru yose kuri ayo madini.

3 Noneho, niba ari ubushake bw'Uwiteka, dutegereje ibihe byiza byo kucyumweru mugitondo, mbese kucyumweru mugitondo, tuzaba twarangije, bizaba ari iherezo nyuma y'umugoroba wo kuwagatandatu, ubwo tuzaba tumaze kubona igisekuru cya Lawodikiya. Ariko kucyumweru mugitondo, nashakaga gufata abari basinziriye, umuzuko, bya bihumbi ijana na mirongo ine na bine, na ziriya ngingo zitashojwe zihuza Ubutumwa zose, hazaba ari kucyumweru mugitondo. Amateraniro azatangira saa tatu. Byaba ari byo, Pasitori we? Kucyumwweru mugitondo saa tatu, twashakaga gukusanya izo ngingo zose, nk'urugero: "Abari basinziriye bazaba iki? Kandi abari b'abanyabwenge bazaba iki? Cyangwa ni he hazaboneka bya bihumbi ijana na mirongo ine na bine?" N'ibindi bintu byose nk'ibyo, kucyumweru mugitondo, kugira ngo tugerageze guhuza byose, kuko ibyo biri mu bigize ubu Butumwa. Hanyuma, kucyumweru nimugoroba, niba ari ubushake bw'Uwiteka, tuziga igisekuru cya nyuma kandi gikomeye ndetse n'ubutumwa bwa Lawodikiya, kucyumweru nimugoroba.

4 Noneho… Rero ejo kugicamunsi, hazaba amateraniro yo kumva za bande. Mwenedata Gene amaze kumbwira ko tuzatangira saa munani, ejo kugicamunsi. Kandi mukunda kuza kumva ubutumwa, gusengera ku gicaniro, mwebwe mushaka Mwuka Wera cyangwa ikindi, kugira ibihe byiza, urusengero rurashyushye, rurakinguye kandi ruhora ruteguye ku baba bashaka kuza gusenga no gushaka Uwiteka bose. Urusengero rurakinguye kandi rurabategereje. Kandi tuzategereza, tuzarurekera dutyo, tuzabategereza ejo, ku gicamunsi.

5 Cyangwa, igihe muzashakira kuza gusenga cyose, mu by'ukuri, ruhora ruteguye. Kandi ruramutse rukinzwe cyangwa ikindi, uyu mwenedata w'umurinzi ari hakurya y'agahanda. Ntekereza ko ari kuri nomero 411, ntekereza ko… nako 811…Byaba ari… 811, ahateganye n'uru rusengero, kuri 811. Mu by'ukuri, umugore we ashobora kuzaba afite urufunguzo mu gihe hazaba hakinze, ariko ruba rukinguye mu gitondo. Nimugoroba, nyuma y'amateraniro, bararukinga kugira ngo babuze abana kurwirukamo hato bakaba bamena amadirishya n'ibindi, muzi uburyo abana bameze, cyane cyane ab'ubu! Ni yo mpamvu turukinga. Nta na rimwe twishimira gukinga inzugi z'urusengero habe na busa. Wenda mu gihe kiriya cyumba kindi kizaba gitunganijwe, tuzakora ku buryo ibintu bizaba bitandukanye, kandi tu-… hari uzahahora kugira ngo abantu bazaze gusenga, gushaka gukira indwara no gushaka Mwuka Wera.

Mwebwe mudafite Mwuka Wera mu buzima bwanyu, nimuze, mugume hano, muharare ijoro ryose byonyine, niba mubishaka [Mwenedata Branham araseka - U.I.] Mugume hano kugeza igihe muzamwakirira.

6 Ni nde waririmbiraga hano bitari kera Imana ingose, Imana hose? Natekerezaga ko Izamurwa ryamaze kuba! Narebye ahanzengurutse ngo ndebe niba bose bari bahari. Byari byiza cyane by'ukuri; ndabikunda. Duhora twiteguye kubyumva hafi ibihe byose! Yego, yego. Ni… Nahagereye igihe ngo mbyumve.

Kandi nabuze indirimbo nziza zose muri aya materaniro, kuko natekerezaga wenda ko… Mbega! Ndahuze cyane by'ukuri, muzi uko bigenda. Abantu - abantu bazanwa n'indege, gariyamoshi, n'ibindi. Mwebwe, nta cyo mubiziho, murabona. Mu by'ukuri, ibyo biza binyuze muri terefone, ukwiye kubasanga, ukababona kandi ukabasengera, hose. Duhora tugenda, kandi ikigeretseho, tunagerageza kwiga; bihinduka by'ukuri ikibazo. [Mwenedata Branham aboneza ijwi rye. - U.I.] Ahubwo duhora tunejejwe no guhura n'abantu no kubakorera ibyo dushoboye, kuko ari… ndi umugaragu w'Umwami Yesu Kristo, mu nyungu z'ubwoko Bwe muri iki gihe. Kandi twashakaga gukora ibirenze ibyo dukora, ariko bikatunanira!

7 Umubwirizabutumwa, umugabo w'intwari, yahingutse iwange mu gitondo cya none, yari afite umushiha; yituye hasi. Kandi impamvu, ni uko yari ari… Yari yakoze ataruhuka. Yagize… Yari agiye guhaguruka, kandi agakobwa ke kari gahagaze mu cyumba gatangira kwikaraga. Kari kambaye akenda ko kurarana k'umutuku; yavugaga ko ikintu cya nyuma yibuka, ari ikizinga gito cy'umutuku kikaragaga, kikaragaga, kikaragaga, kikaragaga gityo. Ibyo byarabuze, murabona. Hanyuma, twaramuhagurukije. Ni ugukora utaruhuka byonyine, murumva. Nimwibuke, muri ibinyabuzima bifatika, kandi turashaka… dutekereza ko umutwaro wose uri kuri twe. Ariko murabizi, Imana ntaho idafite abagaragu bita ku gice

k'ibyo bintu. Rero, dukora uko dushoboye. Ariko ni umugaragu w'igikundiro wageragezaga gukora ibyo ashoboye byose muri ibi bihe byanyuma akorera Umwami we. Nta gushidikanya, nda-… Kandi Umwami yahise amubohora, none yakize, kandi bamugaruye ari muzima maze yikomereza urugendo rwe anezerewe.

8 Mbega! Hari ikintu kiza cyabaye none! Sinashakaga kwiroha muri ibyo bintu, ariko… murabizi, navuganaga n'umugore wange, namubwiraga nti: "Noneho, hari uzaza hano, azaba ari umugabo mugufi kandi munini, w'amaso yirabura n'umusatsi wirabura; azasoma iyi nyandiko maze atangire … ariko uzamuhamagara. Murabona? Mvuga nti: kuko Umwami amufitiye ubutumwa." Hanyuma, nterura Bibiliya maze mvuga nti: "Ngiye kwandika ibi bintu kugira ngo ubone ko neza neza ari byo Umwami ashaka ko akora."

9 Hashize imyaka munani, mu materaniro, Umunyaporonye wakuriye muri Poronye yaje ku gicaniro, maze avuga… Ahubwo Mwuka Wera aramureba maze Avuga ati: "Byakubereye urujijo by'ukuri. Ni cyo…" Yatekerezaga ko nabivugaga ku bwange, Ahubwo yari Mwuka Wera. Ibyo ntibyigeze bimukurwaho kugeza ubwo ku iherezo byamuvanye i Kansas City bikamugeza muri iki cyumba ejo nimugoroba. Rero, byari byamubereye urujijo ubwo yumvaga bavuga iby'umubatizo w'amazi. Ataha mu ihoteri ye, maze Mwuka Wera amubwira ati: "Haguruka noneho, maze uge hariya." Hari uwari washatse kuzana na we, ariko aza kubyanga, mu by'ukuri, mu iyerekwa, yaje wenyine. Murabona? Rero… Kandi nk'impfura, yasomye ya nyandiko kandi yari yiteguye gutaha, maze umugore wange aramuhamagara hanyuma ngenda nerekeza ku muryango, mvuga nti: "Ni we, mwinjize!"

Ambaza ati: "Ni iki ngomba gukora?" Amaze kubona, ambwira ati: "Noneho, ndabisobanukiwe!"

Mubwira nti: "Nashakaga kubereka ibi, kugira ngo musobanukirwe rero." Murabona? Mvuga nti: "Noneho, dore iyo mirongo y'Ibyanditswe. Yisomere hano nyine mbere y'uko ukomeza."

10 Mu by'ukuri, ari hano noneho, kugira ngo abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo. Rero…?… Wenda ari hano ubungubu, uko mbizi. Waba uri hano, mwenedata? Mwenedata umwe, mwenedata w'Umunyaporonye. Bite? Yego, hariya inyuma, muri iriya mfuruka. Nta shiti. Haguruka… Zamura ikiganza, kugira ngo babashe kukubona. Ni byiza cyane! Murabona, Mwuka Wera… Ibyo bikomeje kuba! Abantu benshi batekereza ko amayerekwa abera ku gicaniro honyine. Yoo, si icyo kibibyara! Urabitekerezaho iki, mwenedata Leo? Ni hose! Murabona? Ni hano bibera gake gashoboka. Ni byiza, ni hano by'ukuri bibera gake gashoboka. hariya, hanze, biba amanywa n'ijoro. Murabona? Baza umugore wange, we n'abandi, umuturanyi wange uri hariya inyuma, mwenedata Wood, n'abari hafi aha bose. Mbega byiza! Hano, habera ibintu bito. Hariya habera ibintu bikomeye. Ni byiza, kandi ntituranavugamo igice! [Iteraniro riti: "Amina." - U.I.] Mbega, nejejwe no kumenya ko Umwami wacu aje bidatinze tukaba tugiye kubana na We ibihe byose; si ibihe byose, Ahubwo ni Iteka ryose.

11 Noneho, niba ari ubushake bw'Uwiteka, ntekereza ko ari ku wa 18, kucyumweru utaha, [Mwenedata Neville avuga ati: "Yego."-U.I.] kucyumweru utaha, ku wa 18. Nagize intambara iteye ubwoba. Satani yagerageje kuntera giripe yabaye icyorezo ino aha, kandi sintuza kuyimusubiza. Arayintera nange nkayimusubiza. [Iteraniro riraseka. - U.I.] Rero, nashoje intambara nto. Ibi dushobora kubisoza mu cyumweru gitaha. Hanyuma, niba ari ubushake bw'Uwiteka, kucyumweru utaha, ku wa 18… Noneho, tuzagerageza kugira amateraniro yo gusengera abarwayi, kuko bari… ibintu ntibireka kwirundanya, kandi tugerageza kwita byihuse uko bishoboka ku byihutirwa cyane, mu bihe byose by'ijoro n'ibindi, abantu baraza bakanagenda. Ku wa 18 rero, tuzagira amwe mu materaniro yacu yo gukiza indwara. Kandi niba hari bamwe mu bakundwa banyu bashaka ko tubasengera, mu by'ukuri, nimubazane, cyangwa muzabazane icyo gihe.

12 Mu by'ukuri, abantu benshi b'i Jeffersonville bambwiye, bavuze ko baziye igihe ngo bahabe ahagana saa kumi n'imwe, bavuze ko batari banafite umwanya wo guhagarikamo imodoka zabo cyangwa…… Aba ni benedata b'abashyitsi baturutse hose, abantu, ababwirizabutrumwa benshi. Mvuga nti: "Batsimbaraye ku nyigisho z'ibyo bintu!"

Kandi tugerageza byonyine gutangira ingingo z'ingenzi. Rero nyuma, mu by'ukuri, tuzabikoramo igitabo, kugira ngo mushobore kubisoma; kandi tuzongeraho bike, kuko nimugoroba… mwashoboye kubona ko iyo migoroba yanyuma, nagerageje kurondereza ijwi ryange, murabona, kubera impinga ikomeye, ni cyo nashakaga kubona, aho tubona uguhishuka kwa Kristo muri iki gisekuru, murabona, icyo ari cyo.

13 Noneho, mbere y'uko dusoma Ibyanditswe… Nzi ko ejo ari umunsi ukomeye w'ibikorwa by'ubucuruzi, tugomba twese kujya guhunika ibigega byacu, ku mugoroba w'uwagatandatu. Kandi tugomba kubikora mugitondo cyangwa kugicamunsi ho kuwagatandatu, kimwe cyangwa ikindi, kugira ngo tugire umudendezo kuwagatandatu nimugoroba no kuza mu materaniro. Rero, turi bugerageze kubarekura hakiri kare muri uyu mugoroba, kugira ngo ejo mutazaba mukabije kunanirwa byababuza gukurikira ibyo, hanyuma, mukagaruka kugicamunsi hamwe na benedata ku bwa za bande, ndetse no ku bw'ejo nimugoroba. Noneho, duhaguruke agahe gato ku bw'isengesho.

Nashakaga kumenya (mbere y'uko dusenga), niba hano hari ufite ibyifuzo bidasanzwe by'amasengesho; abimenyeshe azamuye ikiganza. Imana irabona. Mu by'ukuri, mushobora noneho kubona niba yego cyangwa oya turi mu isi ifite ibyo ibura, benedata! Ntekereza ko 95 cyangwa 98 ku 100 by'iteraniro bazamuye rero ikiganza ngo… Nyamara, mwibuke, nta n'ubwo wakwinyagambura Imana itabimenye! Murabona? Izi imigambi yanyu, Yari izi ibyo mwasabaga. Twubike imitwe.

14 Dawe wo mu Ijuru utwitaho, muri uyu mugoroba twegereye Ukwera Kwawe, Ingoma Yawe, twishingikirije isezerano Ryawe aho Wavuze ko Wajyaga gutega amatwi, kandi ko ni twizera, Uzaduha icyo dusabye. Kandi twatura twese amakosa yacu. Kandi dusobanukirwa, Mwami, ko tudakwiye imigisha Yawe. Ntidukwiye. Ntabwo dukwiye, kandi ntabwo tuje nk'aho dukwiye, nk'aho hari igikomeye twakoze. Dawe, iyo twitegereje Kaluvari, bidukuramo icyo kwiyumva nk'ukomeye cyose, nta kindi rero tuzi usibye Kristo, kandi Kristo wabambwe. Rero, iyo dusobanukiwe ko, dushingiye ku Byanditswe, Yazutse ku munsi wa gatatu kugira ngo Adutsindishirize, akaba Yaragarutse nyuma y'iminsi 50 mu ishusho ya Mwuka Wera ngo Abe muri twe kugeza ubwo Azahinguka mu kirere mu bihe bya nyuma… Kandi turabona noneho ibyo bihe bya nyuma byihutira cyane gusohora! Kandi turi ubwoko buhebuje kunezerwa, Mwami, kuko Watwemereye iri sumbwe ry'ubwiza!

15 Ndashima cyane, Dawe, ku bwo kuba iri teraniro riteze amatwi ryicaye n'imitima yiyoroheje…?… Kandi, Mwami, ngusabye kweza iminwa yange muri uyu mugoroba, kandi buri mugoroba, kandi igihe cyose nzazamuka kuri iki gicaniro Cyawe ngo ngire icyo mbwira ubwoko Bwawe; mu by'ukuri, Mwami, ndinda kugira ikitari icy'ukuri mvuga. Uracyafite ububasha bwo kubumba iminwa nk'uko Wabikoreye Daniyeli mu rwobo rw'intare. Kandi ndamutse ngize icyo mvuga kidahuye n'ubushake Bwawe, Umbumbe umunwa, Mwami, kugira ngo ntakivuga. Shyira iruhande ibitekerezo byange, nshyira mu nzira nziza, Mwami, aho ari nta kindi nzavuga usibye ukuri, kuko mbona ko muri ibi bihe byiza, bariya bantu bazaba bari hariya biringiye ubutumwa nababwirije bwonyine. Igihe Uzazira gutwara imwe mu nyenyeri Zawe, umwe mu bamarayika Bawe, mu bagaragu Bawe, bagomba kuzacirwa urubanza bwa mbere hashingiwe ku butumwa twabwirije hano. Uzabibabaza, abagaragu Bawe.

Noneho, Dawe, ngusabye kureka Mwuka Wera akavuga, bikareka kuba muntu. Keba imitima yacu kugira ngo tubashe kumutega amatwi. Nzategа amatwi, Dawe. Ngusabye gukiza abarwayi n'abaruhijwe. Ku byo abantu bakeneye byose, hose, ubuntu n'impuhwe Byawe bibane na bo. Subiza buri kifuzo cyagaragajwe muri uyu mugoroba no kuzamura ikiganza. Hose, mu gihugu, mu gihe abandi benshi bababaye, ndetse n'abahagarariwe n'utu dutambaro n'ibi byifuzo biri hano munsi y'ikiganza cyange, Mwuka Wera asubize, Dawe, kandi Akize abarwayi! Tuvugishe noneho binyuze mu Ijambo Ryawe ryanditse, Ukoresheje Mwuka Wera. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina! Mushobora kwicara.

16 Mu by'ukuri, muri uyu mugoroba, hatangiye gushyuha mu rusengero. Igisekuru gikomeye cya Lawodikiya kiregereje. Kandi muri uyu mugoroba, dutangiye icyo gisekuru kindi k'Itorero gikomeye kizaba igisekuru cya gatanu k'Itorero. Twize igisekuru cya mbere k'Itorero ari cyo cya Efeso. Nzashobora kongera kubisoma mpereye mu ntangiriro, kuko ibyo byose byanditswe. Rero, nashakaga kongera kubasomera, mwebwe mwashakaga gusuzuma ibyo mu nyandiko zanyu.

17 Igisekuru cya mbere k'Itorero cyari igisekuru k'Itorero cya Efeso, guhera muri 53 ukageza mu 170. Pawulo ni we wakibereye inyenyeri, kandi cyari igisekuru cya mbere k'Itorero. Imana yabashinje kugira imirimo itagira urukundo. Ingororano yari "Igiti cy'Ubugingo."

Igisekuru cya kabiri k'Itorero gihera mu mwaka wa 170 kugeza mu wa 312. Irene ni we ntumwa y'icyo gisekuru. Kandi umugayo ni ukurenga-… byari imibabaro n'itorero rirenganijwe. Ingororano yari "Ikamba ry'Ubugingo."

Igisekuru cya gatatu k'Itorero ni icya Perugamo, Maritini ni we ntumwa y'icyo gisekuru. Icyo gisekuru gihera mu wa 312 kugeza mu wa 606. Umugayo wacyo, ni inyigisho zipfuye, Satani yashyizeho urufatiro rw'ubutware bwa gipapa n'ugushyingiranwa hagati ya leta n'itorero. Ingororano yari "manu yahishwe n'ibuye ry'umweru."

Igisekuru cya kane k'Itorero ni icya Tuwatira. Kolomba ni we marayika w'icyo gisekuru, intumwa, guhera mu wa 606 kugeza mu wa 1520. Kandi icyo gisekuru cyabaye icy'ubushukanyi bwa gipapa, igisekuru cy'umwijima (murabizi, ejo nimugoroba, igisekuru cy'umwijima…) Kandi ingororano yari ubutware bwo gutegeka amahanga, n'Inyenyeri y'Urutururu, ku bw'uwo mumalayika.

18 Noneho, muri uyu mugoroba, dutangiye igisekuru cya gatanu k'Itorero, ari cyo cya Sarudi. Kandi intumwa y'icyo gisekuru k'Itorero, Maritini Luteri, azwi cyane n'intiti za Bibiliya, cyangwa Ahubwo n'abadogiteri, cyangwa abizera, none. Kandi icyo gisekuru k'Itorero cyatangiye mu wa 1520 kirangira mu wa 1750, guhera mu wa 1520 ukageza mu wa 1750; kandi ni igisekuru twita "igisekuru cy'ubugorozi." Kandi umugayo wacyo, ni uwo gukoresha izina ryabo bwite. Kandi ingororano kuri iryo tsinda rito risigaye, yari iyo "kugendana na We yambaye imyenda y'ibitare, no kugira amazina yabo yanditse mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama." Uwiteka aduhe umugisha mu gihe noneho twiyemeje iki kigisho!

Ni byiza, turahera mu gice cya 3, umurongo wa 1, ku bw'icyo gisekuru k'Itorero, ubutumwa bwagenewe Sarudi, ni igihe cy'Ubugorozi. Hari hasigaye itsinda rito ry'abizera gusa, basaga n'abazimye.

19 Noneho, mu buryo bugenewe bamwe mu baje bashya, byashoboka ko mugira icyo muvuga kuri ibi bintu… kugira ngo mudakererwa… Ahubwo ni incamake, ariko igihe kimwe tuzashobora neza gushyira ubutumwa bwacu ku… kubushushanya; nzaza kugucamunsi maze mboneze ibyo; nzashobora kubikora kucyumweru. Noneho, buri cyose muri ibi gishushanya, igisekuru k'Itorero: 1, 2, 3, 4, 5, 6,7.

Ibi, uhereye kuri Filadelifiya… Iki gishushanya imbaraga za Pantekote, cyangwa Ahubwo itorero ryabaye kuri Pantekote. Mu ntangiriro, rwari urusengero rukomeye cyane, ariko baretse umwuka w'idini ubacengeramo, bagerageza guhindura Itorero idini; ni cyo kiswe "imirimo y'abanikolayiti." Mbese mwaba munyumva neza, hariya inyuma? Yego. Ni byiza cyane. Imirimo y'abanikolayiti. Mu by'ukuri, byari bitaraba inyigisho. Hanyuma, twafashe iryo jambo maze turarisesengura; icyo imirimo yasobanuraga, icyo abanikolayiti basobanuraga. Kuri twe iri jambo nikolayiti ni rishya, akaba ari yo mpamvu niyambaje ikigiriki maze ndarisesengura. Kandi Niko, risobanura kunesha cyangwa kuganza, cyangwa kwigarurira ikintu runaka. Nikolayiti, Layiti risobanura itorero, abizera. Ubunikolayiti, ni imirimo yageragezaga kwigarurira abizera no gushyira umugisha wose… Kandi uwari wihariye uburenganzira bwo gusoma Bibiliya, uwari wihariye kuyisobanura, yagombaga kuba umwepisikopi, cyangwa umutware ukomeye w'idini.

20 Hanyuma, tubona ko mu gisekuru cya 2 k'Itorero, ibyo byari bitangiye kubura. Ibi bihora ari Pantekote, ariko hano, ni idini.

Mu by'ukuri, mu gisekuru cya 3 k'Itorero, icya Perugamo, Pantekote yasaga n'iyibagiranye. Ariko inyigisho y'idini, ibyo byahagurukiye ku mirimo hano, uko byakabaye, ngo bizahinduke idini hano. Hanyuma, biza kwivangira hano nyine. "Byarivanze!" Iri tsinda ryari ryaranesheje amatsinda y'abapantekote.

Noneho, nk'uko mbivuga, benedata, ni ibintu by'ukuri. Ibyo bishingiye ku nyandiko zubashywe z'amateka: ibitabo by'Inama y'i Nikeya, igitabo cy'abahowe Imana b'i Fogisi (Fox), n'inyandiko zikomeye za kera zose. Mfite zimwe mu nyandiko zihebuje izindi kuba iza kera. Kandi buri yose… Mvuze ibi nta-… ntavuze rero kuri Pantekote. Ibyo ntibishatse kuvuga… Iyo mvuze kuri "Pantekote", si idini rya none. Ringanya ubunyabyaha n'andi. Ahubwo ndashaka kuvuga Pantekote nyakuri, Mwuka Wera nyakuri w'Imana ufite inyigisho ya kera, n'imigisha ya kera, n'amazina ya kera, n'ibindi nk'uko byahoze mu ntangiriro, kandi bikanakomeza muri Bibiliya yose.

21 Noneho, hanyuma, iyo tugeze kuri iki gisekuru, murabona, aho Pantekote yageze? Mwaba mubibona neza cyane hariya inyuma? Mwaba mubasha kubitandukanya hariya inyuma? Ni byiza cyane. Noneho, hano haje (hari ejo nimugoroba) igisekuru gikomeye tugenzura hano none aha. Constantin, Constantin, C-o-n-s, ngiye kuryandika. We, umupagani, yari - yari yarabajije izi ngirwabakristo (abari bafite inyigisho za kinikolayiti) gusenga, kandi aramutse atsinze umurwano umwe, mu by'ukuri, yajyaga guhinduka ingirwamukristo. Icyo gihe, ubwo yari ari ku rugamba, yarose agomba… Binyuze mu musaraba w'umweru wari umurangaje imbere, bamubwira bati: "Uzanesheshwa n'iki!" kandi ibyo ni iby'ukuri. Rero, akangura ingabo ze maze asigisha umusaraba w'umweru ku ngabo zabo; biba inkomoko y'umuryango gatolika witwa Abashovaliye ba gahunda ya Colomb.

22 Noneho - noneho, Constantin, hari… Nta cyo washobora kubona kerekana ko yaba yarihannye. Nta kindi yari cyo usibye umunyapolitike. Yari afite mu mutwe umushinga wo kunga ubumwe bw'ingoma ye no kuyikomeza. We nk'umupagani, yaramyaga ubwe ibigirwamana; aza kubona rero ko inyigisho za kinikolayiti zasaga n'izimaze gushora imizi, akoresha ya ngamba twaraye tuvumbuye.

Kandi Yesu yari yarabihanuye imyaka 304 mbere y'uko biba, avuga ko yajyaga kwigisha inyigisho za Balamu, nk'uko Balamu yashutse abana ba Isirayeli abashora mu busambanyi maze bakarya inyama z'intonorano ari zo zabaga zatambiwe ibigirwamana.

Noneho, tuzi icyo "kurya inyama zatambiwe ibigirwamana" bisobanuye! Mu by'ukuri, bisobanuye kuramya. Mu kwinjira, bunamiraga ibigirwamana, ibyo bigirwamana bari barazanye mu rusengero rwa gikristo, neza neza bimwe n'ibyari byarakozwe na Balamu kera, ateza Isirayeli ubusambanyi, kujya muri ibyo birori by'ikigirwamana.

23 Mu by'ukuri, ni byo Constantin yakoze mu ngamba ye: yubatse urusengero. Atanga byinshi igihe k'Inama y'i Nikeya hanyuma, ba-… Ahindura mo insengero inyinshi mu nyubako yari afite. Hanyuma, yubaka ibicaniro bikomeye bya marubure bitatse zahabu n'amabuye y'agaciro. Hejuru, ashyiraho igisa n'ingoma cyangwa intebe y'ubwami, maze afata umuntu aba ari we agira umutware, nka… Icyo gihe bamwitaga umwepisikopi. Hanyuma, bamwicaza muri iyo ngoma; Bonifasi wa III (gatatu) yima ingoma. Ntiyari agisohoka nka rubanda, Ahubwo bamukanira imyambaro yorohereye hanyuma bamwambika nk'ikigirwamana; bamwicaza hariya, hanyuma bamuha ikitiriro cy'"Umusimbura". Umusimbura… VICARIVS FILII DEI, bisobanura "Usimbura Umwana w'Imana."

24 Noneho, dore ku bw'ufite ubwenge: nimuce akarongo, nimwandike ibi: VICARIVS FILII DEI. Hanyuma, nimumara guca akarongo hano, munsi no guteranya imibare y'agaciro ka buri nyuguti ya kiroma, murabona neza neza icyo Imana yise umubare w'ikimenyetso k'inyamaswa: magana atandatu na mirongo itandatau na gatandatu (666). Murabona: Vicarivs Filii…

Mu by'ukuri, nagiye i Roma maze ngera i Vatikani. Kandi rya kamba ry'inyabutatu: ubutware ku kuzimu, ijuru na purugatori, murabona? Nabonye iryo Kamba, nabonye rya kote, nahabonye…

Mu by'ukuri, igicamunsi cy'uwakane umwe, saa kenda, nagombaga kubonana na papa wari ku ngoma y'icyo gihe. Igisonga Von Blomberg yari afite… Maze ambwira ati: "Mu by'ukuri, Mwenedata Branham, ni ugenda, icya mbere ugomba gukora, ni ugupfukamisha ivi ry'iburyo maze ugasoma iriya mpeta."

Musubiza nti: "Ibyo, ntibirimo! Ntibirimo. Byihorere!" Mvuga nti: "Nemeye… nta cyo mpfa n'uwo mugabo; mvuga nti: 'hari ikintu kimwe, nzubahiriza rwose mbikuye ku mutima ikitiriro cy'umuntu. Niba ari umu-'Reverandi', nta kibazo; niba ari umu-'Episikopi', 'Umukuru', umu-'Dogiteri', cyangwa ikindi cyose, nzubaha umuntu rwose mbikuye ku mutima. Ariko nibigera ku kuramya umuntu, Uwo ngomba kuramya ni Umwe gusa ari we: Yesu Kristo! Ni We Muntu Rukumbi nzapfukamira - nzapfukamira!'" Mvuga nti: "Ibyo ubyibagirwe byonyine. Biteshe agaciro byonyine." Sinshobora kubyemera. Rero…

Aho ntahiye, naje kumenya ko hari undi Munyamerika, igihangange, wari warakoze ibyo na we: Teddy Roosevelt. Yanze kubikora kubera… Murabyibuka, mu mateka? Yanze kubonana na papa kuko byajyaga kumubera ngombwa gusoma impeta ye cyangwa… Ibyo banabikoreraga ku ino ry'igikumwe, murabizi. Rero… mbega, oya. Oya, ntibirimo. Rero…

25 Nyamara, mu… Mu by'ukuri, kimwe na Balamu… Hanyuma twabonye ejo nimugoroba, ku birebana… mu by'ukuri, icya mbere hano, mbere yo kuva kuri uyu mutwe, bari barakomeresheje ukwivanga (mariyaje) iri dini. Bari barafashe ibitekerezo bike bya gipagani, ibigirwamana bajyanye mu idini urugero: ikigirwamana Jupiter, ikigirwamana zuba, ikigirwamana Mars, ikigirwamanakazi Venus n'ibyo bigirwamana byose, kandi basohoye ibyo bigirwamana byose mu nsengero za gipagani; hanyuma bashyira hejuru Pawulo, Petero, Umwari Mariya n'abandi maze bavuga bati: "Dore usigaye mu mwanya w'Umwana w'Imana, kuko Yesu yabwiye Petero ati: Nguhaye imfunguzo! None papa ni umusimbura wa ya ntumwa!" Ibyo byahindutse inyigisho gatolika kugeza na buhe n'ubu. Hanyuma bubaka ibigirwamana (ibibumbano). None ni iki bakoze? Binjije ukuramya ibigirwamana mu myizerere ya gikristo, mu ngirwabukristo; bitari mu Bukristo nyakuri, kuko abapantekote bato…

26 Mu by'ukuri, mubyibuke, sina-… sinavuze ko ababatisite, abametodisite, abaperesibiteriyani, abapantekote bari babariwemo bose! Ariko umuryango w'Imana w'ukuri, wari uwa Pantekote. Ibyo byarabaye, ibyo biriho kandi bizahora. Ni ho Itorero ryatangiriye, hariya nyine, n'imbaraga za Pantekote.

Mu by'ukuri, muzambaza muti: "Byaba ari iby'ukuri, Mwenedata Branham?" Ndi bubasabe gufata ibitabo by'amateka no kuzenguruka amateka kugeza ubu, no kureba niba buri wese muri abo bana b'Imana nyabo atarikomeje kuri uwo Mugisha wa Pantekote: bavugaga mu ndimi, bagasobanura indimi, bakagira ibimenyetso n'ibitangaza kandi bakabatiza mu Izina rya Yesu Kristo. Icyo intumwa zakoze cyose, na bo baragikoze, uhereye mu ntangiriro ukageza ku iherezo. Ni yo mpamvu, mu gusoma amateka, nafashe Pawulo, Irene, na - na - no kugera kuri Maritini, Kolomba, buri wese muri abo bagabo, kugeza kuri iki gisekuru, bari bafite ibimenyetso n'ibitangaza.

27 Ni byiza cyane. Yavugaga ko umuzindaro wagiraga… byaba n'ibi? Ni byiza cyane. Oya, bazunguza umutwe; ntibumva habe na busa noneho. Ni byiza cyane. Mwaba mushobora… Mbese… Mu by'ukuri, mwaba noneho munyumva neza? Noneho, birumvikana neza? Byaba biruseho? Byaba… Bose bavuga bati: "Bimeze neza", ni byiza. Ngiyo ingingo ikurwanya. Ni byiza cyane.

28 Mu by'ukuri, ni muri iki gisekuru yahanze uwo murimo mugari, maze ashyiraho uyu mugabo nk'umwepisikopi w'isi yose ku nsengero zose, hanyuma amuha amafaranga menshi n'ibindi, kandi abaha amasezerano y'uburyo bwose; ateraniriza mu kintu kimwe itorero na leta; kandi yemerera itorero kuyobora leta. Amugira umuntu w'ingenzi. Rero, neza neza hari… icyo Constantin yakoze neza neza ni cyo twabonye muri ririya torero rindi ri-… icyavuzwe n'Imana, ko mu gihe cya Eliya, bari baremereye uriya mugore kugira abana Bayo abacakara be. Ibyo byabaye mu gihe cy'umwijima. Kandi murebe icyo Pantekote yahindutse cyo none. Mbega ishyano! Mbega ishyano! Umwijima wigabije hose. Kandi mu gihe gikabakaba imyaka 1000, kuva kuri 500 ukageza ku 1500, mbese… ni uguhera kuri 606 ukageza kuri 530, cyangwa Ahubwo 520, icyo ni cyo gihe nyacyo; ariko mu gihe cy'imyaka 1000, bazakora… ukurenganya kumena amaraso. Nimusome amateka.

29 Mu by'ukuri, abagatolika bazababwira ko Itorero rya gikristo… ko ari bo bari bagize Itorero rya gikristo. Bagize itorero rya gikristo rya kinyedini. Ariko abapantekote nyakuri bari barirukanywe, barishwe, bicwa n'abapapa, abepisikopi n'abandi, abicanyi ba ruharwa.

Mu by'ukuri, igihe kimwe, ibyo bizantwara agahanga, murabona, kubivuga. Ariko hari

ikidashidikanywa: nzi aho nerekeza! Kandi ndi… Murabona? Hahora hatemba amaraso. Ariko igihe kiraje noneho, kandi murabibona mushingiye ku bibera mu gihugu, ntibigitinze. Ntimugasubirane Ibyo inyuma. Ni Ukuri. Nimubikomereho. Muvangemo amaraso yanyu kimwe na bariya ba kiriya gihe.

30 Mu by'ukuri murabona ibyabereye hano. Hanyuma, hano, inyigisho za Yezebeli zarinjiye, Yezebeli yari umugore, umupaganikazi wa-… Ahabu yari yarakoze bimwe n'ibya Constantin. Yari yararongoye uwo mugore kugira ngo akomeze ingoma ye kandi yari yarinjije ukuramya ibigirwamana muri Isirayeli, neza neza kimwe na Constantin kera. Kandi Pantekote yasaga n'iyari itakibaho.

Mu by'ukuri, Imana yahagurukije Maritini Luteri. Nashakaga ko mubona uburyo ibyo bigabanuka hano kandi bigasa n'ibizimanganye burundu; hanyuma ibyo bikongera gutangira biruhanije hano kandi bikongera kumanuka kugera hano. Murabona? Kandi nahakingirije, kuko bizaba ari ikigisho gikomeye cyo kucyumweru nimugoroba, niba ari ubushake bw'Umwami.

31 Noneho, noneho, ntekereza ko dusa n'abamaze kugera mu gihe turimo. Mu by'ukuri, hano nyine, uhereye ku 1500… kuri 606 ukageza kuri 1520. Neza neza muri iyo ntera. Ngiye kubishyira hano ku buryo mushobora… 606 kugeza mu 1520, ni igisekuru cy'umwijima, iryo torero, hano nyine, igisekuru cy'umwijima. Noneho, iri torero tugiye gutangira noneho, ni itorero rya kiluteriyani.

Noneho, icyo gihe, bariya bantu bose barapfuye… abantu nka Irene, Maritini na Kolomba, nta bakiriho. Noneho, fata ubishaka wese, shakira muri buri gitabo cy'amateka ushaka, niba ari igitabo cy'amateka kizewe… iyo abantu bakubwiye ko Patrick Wera yari umugatolika, ntabwo baba bazi ibyo bavuga. Patrick Wera yigometse ku idini gatolika; ntiyigeze akandagiza ikirenge ke i Roma, hanyuma arwanya byimazeyo inyigisho zabo. Ni ukuri. Nimuge mu gice cy'amajyaruguru y'Ubwongereza - cyangwa Ahubwo icya Irilande none, muzahabona bimwe n'ibyo. Patrick Wera yari umuntu w'Imana. Ariko ku birebana na Patrick Wera, bavuga ko yahize inzoka zo muri Irilande zose, ibyo ni ibihimbano.

32 Ni bangahe muri mwe bamaze gusoma no kumva inkuru ya Guillaume Tell arasa urubuto rwa pome rushyizwe ku mutwe w'umwana we w'umuhungu? Ni igihimbano gatolika, kandi nta n'ubusabusa bw'ukuri habe na busa bwibereyemo. Nari aho nyine bafata ko byaba ari ho byabereye (Byanditse hariya: "Ni inkuru y'impimbano, si ukuri") mu Busuwisi. Nge na Billy, twari twicaye aho hantu, ku nkombe z'ikiyaga k'Imfuruka Enye, aho yakabaye yarakoreye ibyo bintu. Yarashe umuntu; ni ibyo. Ntiyarashe pome iri ku mutwe w'umwana we. Ni inkuru y'ikinyoma byonyine, ubukonikoni n'ibindi nk'ibyo. Ibintu nk'ibyo ntibyigeze kubaho. Hariya, nta nyandiko n'imwe habe n'ikindi kivuga kuri ibyo bafite, aho icyo kintu cyaba cyarabereye, kerekana ko icyo kintu cyaba cyarigeze kubaho. Kandi iyo nkuru by'ukuri yabaye kimomo hariya, muri iyo myumvire y'ibintu. Noneho, ariko muri ibyo byose, mu by'ukuri nta nyandiko y'amateka n'imwe ivuga ko yaba yarakoze ibyo.

33 Rero, hano, muri iki gisekuru k'Itorero, ni cyo gihe gisa n'icyazimye, kizimangana burundu. Noneho, iki gisekuru gikurikiyeho, ni icy'Ubugorozi. Nyamara, ibi bintu, nyuma y'igihe k'imyaka ikabakaba igihumbi y'umwijima n'icuraburindi, igihe ibintu byari byarazimye n'ibindi bityo, itorero ryasaga n'iritari rikibona Irene, wari umugabo ukomeye, ishusho y'Imana. Amagana menshi y'abo bera b'agaciro ni ko bari bameze na bo. Bari baratanze ubuzima bwabo, bamena amaraso yabo ku bwende uko bishoboka, ubwo babaga bari mu kibuga batanyagurizwamo n'inyamaswa z'inkazi, murabona, ku bwa Kristo, ku bw'umubatizo mu Izina rya Yesu Kristo, ku bwo kuvuga mu ndimi, ku bw'izuka rya Yesu Kristo muzima mu buzima bwabo n'Ubwiza bwa Kimana bwari hariya; mu gihe abiyita abakristo babarenganyaga. Ni byo. Ni ukuri!

34 Mbega, bahanzweho n'amadayimoni y'ikuzimu, bakwiye icyo ntazi. Bazamutse batyo, bahinduka idini ku bwo gushyiraho inzego z'ubuyobozi maze bigira abahanuzi, abasobanuzi ba kimana b'Ijambo, nta undi warimenya usibye bo. Biyita abahanuzi kandi ari abanyabiyoma. Murabona? Nyamara, muri icyo gihe… Afite Marayika We mu rubuga, afite Ukuri. Ukuri kuzahora kugaruka kuri ibi (murabona?), Kuzahora kugaruka ku cyambere, kuko Imana idateze kuzahindura ibyo.

Noneho, kandi twaraye tunabonye (mbere yo kuva hano, kugira ngo ibi byishimangire neza mu mitima yanyu) biretse kuba byonyine… Nk'urugero, Yezebeli yari afite umukobwa. Mwaba mubyibuka? Mu Byahishuwe 13, havuga ko iryo torero ritizera, Roma, ryari rifite abakobwa. Ryari nyina w'indaya. Byaba ari iby'ukuri? Yezebeli yari afite umukobwa. None Yezebeli, umukobwa we yamuhinduyemo iki? Mwaba mubona ibyo bintu, izo ngero n'ibyo bicucu byose? Yezebeli yitwararitse ko umukobwa we arongorwa na Yoramu wari umuhungu wa Yehoshafati umwami w'Ubuyuda.

35 Kiriya gihe, Isirayeli yari igabanije itya. Hano, ni Yerusalemu, hano; kandi hano, ni Ubuyuda, hano. Mu by'ukuri, Ahabu yari hano, na Yoramu akaba hano. Ni byiza cyane, Yezebeli yari yarigaruriye aha, Isirayeli yose yari yarirundumuriye mu bigirwamana. Rero… Bose, uretse Eliya na ririya tsinda ryizera… Ni byiza! Noneho, hano ku rundi ruhande, hari Yoramu wategekaga Ubuyuda; kandi ubwo babonaga uwo mwana we na Ahabu, yafashe uwo mwana maze amushyingira umuhungu wa Yoramu - cyangwa Ahubwo umuhungu wa Yehoshafati, ari we Yoramu, maze yadukana ibigirwamana mu Buyuda, hanyuma yubaka ibicaniro bya gipagani i Yerusalemu.

Ni byo itorero gatolika ryakoze neza neza. Ryasohoye inyigisho zaryo za kinyedini n'ibindi, maze rikura Mwuka Wera mu itorero rifatanije n'umukobwa waryo (abaluteriyani, abametodisite, ababatisite, abapantekote n'abandi.). Ni byo ryakoze neza neza. Bibiliya ivuga iti: "Ni ryo nyina w'indaya."

Noneho, nimucukumbure Ibyanditswe byonyine. Ni ugira icyo ubona ukundi, igihabanye mu Byanditswe no mu mateka, kireba neza neza ingingo zimwe, ngo ino undebe mu kinyabupfura. Murabona? Ni ukuri. Nta byo wabonamo.

36 Ayo madini ni yo burozi bw'ikirenga bwigeze kubaho mu buporoso, agerageza kureka umuntu ngo ayobore itorero, indi shusho isa n'iyicaye kuri ya ngoma. Umwepisikopi mukuru, abagenzuzi b'ikirenga b'abapantekote, bavuga bati: "Mu by'ukuri, noneho, turebe, inyigisho zabo ni izihe? Mbega, yaba yarabatije mu Izina rya Yesu? Ntashobora kuza hano! Oya oya, mwenedata. Anga ibyo." Kandi abantu banga ibyo na bo. "Nashakaga kubibasobanurira; he kugira n'umwe wo muri mwe ujya muri ariya materaniro. Biriya bintu bitsindwe. Uko waba urwaye kose, ntugeyo, icyo Imana yaba iriho ikora cyose. Ni utarebera mu madarubindi yawe, mu by'ukuri, nta na gito uri bubone!" Rero ishusho y'inyamaswa… Kandi ishusho yari ifite ubuzima ngo ibashe kuvuga. Ni ukuri kudashidikanywa. Mutekereza ko idashobora kuvuga, gerageza kuyivuguruza rimwe; nta gushidikanya ko uzagira ibibazo.

37 Ndibuka ko i Tulsa, muri Oklahoma, nari ndi… Mbega, nisanze mu buyobe buteye ubwoba hariya, ariya madini yari atangiye kwivumbagatanya hariya. Kandi nari nicaye muri iriya nyubako igihe kimwe, maze ngira iyerekwa. Nabonye akana k'injangwe keza kirambitse ku musego ukoze muri suwa; kandi ni kamwe mu ducuti duhebuje utundi uburanga. Maze ntera agatambwe hariya (kandi nge, ntinya injangwe), ndakegera maze ntangira kukagaza, na ko kagasubiza kati: "Ubwoba! Ubwoba!" Muzi uburyo zikora ibyo, zirahirita, murabizi. Kandi narayagazaga, mvuga nti: "Karemwa keza!" Na ko kakansubiza kati: "ubwoba!" n'ituze, murabizi.

Hanyuma, ndeba inyuma y'umusego wako; hari handitse ngo: "Akajangwe ka gipantekote." Mu by'ukuri, nibwiye nti: "Ibi ntibisanzwe. Noneho, iri rigomba kuba ari iyerekwa."

Kandi hari icyambwiye kiti: "Iyo wagaje ubwoya bwayo muri iki kerekezo, byose bigenda neza; ariko noneho, niba ushaka kubona inkwi yota izo ari zo, yagaze uturutse mu kindi kerekezo." Murabona? Rero ubwo nayagazaga mu kindi kerekezo, yasohoye amaso yayo y'icyatsi, maze ihinduka bushyoro iri hariya, imvumana ubugome bwose (Murabona?), ku bwo kuyagaza mu kindi kerekezo byonyine. Mubwire ko umubatizo wo muri "Data, Umwana na Mwuka Wera" ari uwa Satani, kandi ko bikomoka ku idini gatolika, maze witegereze uburyo ibyitwaramo [Iteraniro riraseka. - U.I.]…?…

Naramanutse maze mbwira mwenedata Gene n'abandi, bari aho, bose, mwenedata Leo n'abandi, mbabwira nti: "Nta gushidikanya ko nagize iyerekwa ry'amadini ya gipantekote, rero."

38 Noneho, igice cya 3, tugiye kubanza… Sarudi ni itorero ripfuye. Rirapfuye, mu by'ukuri, ryishwe muri icyo gihe. Umugabane muto gusa w'Ubugingo, tugiye kuvumbura mu kanya gato icyo byari cyo, mu gahe gato gusa. Guhera mu 1520 ukageza mu wa 1750, cyari icyo gisekuru cya Sarudi. Kandi inyenyeri, cyangwa Ahubwo marayika wa… Inyenyeri yari mu kiganza Ke, iyari marayika cyangwa intumwa y'icyo gisekuru k'Itorero… Byaba byumvikanye neza ko inyenyeri, yari marayika, kandi ko marayika ari intumwa yatumwe kuri kiriya gisekuru?

39 Noneho, twarangizanije n'Inama y'i Nikeya. Ni ho ryapfiriye, maze bose bagera ku butegetsi no ku cyubahiro, itorero na leta bimaze kwifatanya. Mbese haba hari uwashobora kwibuka ibyavuzwe mu kigisho twaraye tubonye, icyo abantu benshi bibazaga? Ikinyagihumbi cyari cyaje. Bazana Ikinyagihumbi mbere y'Ukuza kwa Kristo. Murabona? Ni Ukuza kwa Kristo kutwinjiza mu Kinyagihumbi, ni cyo kintu cya mbere. Kandi muri kiriya gihe bari bafite… Ni ufata amateka, uzamenya ko habayeho ba Yesu b'ibinyoma bari barihagurukije n'ibindi. Murabona? Ndetse batekerezaga ko papa ari Yesu, bamwitaga "inzibacyuho": "usigariyeho Umwana w'Imana". Yego, bamufataga nk'imana yera ikomeye, iri hariya.

40 Mureke ngire icyo mbabwira. Bibiliya ivuga ko mbere y'uko Yesu aza, hazahaguruka abahanuzi b'ibinyoma, kandi ko hazahaguruka na ba Yesu b'ibinyoma. Ni ukuri. "Dore, hano…" Ariko mureke nshyire ibi mu mitima yanyu: Yesu ntazakoza ikirenge kuri iyi si mbere y'uko Itorero rizamurwa. Noneho, ntimukabyibagirwe, kuko hazahaguruka ba kristo b'ibinyoma. Ariko Yesu ntazaba ari hano ku isi; mu by'ukuri, impanda izavuga - Ntateze kuzaza… tuzamusanga mu kirere (Itorero ryamaze kugenda). Rero, ubwo Yesu azaboneka, Azaba agarutse. Abanyamahanga bazamusanganirira mu kirere. Ese byaba ari Ibyanditswe? Murabona? Bamusanganirira mu kirere. Byaba ari Ibyanditswe? Murabona? Bamusanganirira mu kirere, hanyuma tuzamuke. Kandi Yesu ntateze kuzakoza ikirenge ku isi mbere y'uko Itorero rizamurwa ngo Rige i Muhira kandi ngo ibirori by'Ubukwe bibanze bihumuzve ["Amina." - U.I.]…?… rero, Azagarurwa n'abasigaye b'Abayuda.

41 Rero, Inama y'i Nikeya yari yarangiye, itorero ryari - ryari munsi y'ingoma ya papa mu myaka ikabakaba igihumbi. Bari barishe abataravugaga rumwe na bo bose. Ni ukuri. Wabaciraga bugufi cyangwa ukicwa, nk'uko byari byarakorewe Isirayeli na Yezebeli.

Mwuka Wera yari yarigendeye byuzuye, ariko muri icyo gisekuru hari harasigaye umubare muto cyane nka Eliya n'abandi Bisirayeli batari barapfukamiye Bayari. Niba mushaka ko mbisoma hano, ni muri 1Abami 19, umurongo wa 18, ubwo Eliya yahagaze hariya mu buvumo maze akavuga ati: "Mwami, bishe abahanuzi Bawe bose. Bakoze ibintu by'uburyo bwose, kandi ni nge usigaye ngenyine. Kandi ni nge ngenyine wacitse ku icumu." Ahubwo Imana imubwira ko Yari yarishigarije ibihumbi birindwi hariya, mu bizera, byari bitarapfukamira Bayari.

42 Rero, Sarudi, turatangiye noneho. Ijambo "Sarudi" ubwaryo, ku murongo wa mbere, ijambo "Sarudi", mu cyongereza, iryo jambo risobanura, niba ushaka kubigenzura, bishaka kuvuga "uwacitse ku icumu". Sarudi nyakuri, yari "abari baracitse ku icumu". Ni cyo "Sarudi" rishaka kuvuga (ni byiza , cyane), "uwacitse ku icumu". Murebe noneho kandi - "uwacitse ku icumu."

Noneho, tugiye guhera ku cya mbere. Tugiye kukita igisekuru cy'Ubugorozi, kandi ibyo bikwiranye n'ubwo Bugorozi, niba ari ko dukwiye kubwita, kuko ari… Ubugorozi, byari abari baracitse ku icumu, abari bariyaruye maze bagahunga.

43 Noneho, dufate umurongo wa 1. Andikira marayika w'i Sarudi uti: umva ikivugwa na… ya Myuka 7 y'Imana n'inyenyeri 7: Nzi imirimo yawe. Nzi ko ufite izina ry'uko uriho, kandi uri intumbi.

Noneho, intashyo. Noneho Imyuka 7 ni… Imyuka 7 n'inyenyeri 7… Imyuka, bari abamarayika berekezaga ku nyenyeri, izari zihagarariye intumwa: Imyuka 7, ku ncuro7 zitandukanye, Mwuka Wera yasize intumwa 1, uwari intumwa y'igihe ke. Umwuka ni uw'iteka, kandi inyenyeri yakorewe intego, iyo kumurika mu icuraburindi ry'ibyo bisekuru by'Itorero bihagarariwe n'amatabaza n'inyenyeri. Marayika, Mwuka, ni We werekezaga ku nyenyeri kandi Akamurikisha Umucyo wa Mwuka Wera binyuze mu nyenyeri y'icyo gihe k'Itorero. Byashoboka ko mwibaza iyo Myuka 7 iyo ari yo, ni za ntumwa 7 z'ibihe 7 by'Itorero. Murabona? Noneho, kandi igihe cyose inyenyeri yabaga yinjiye mu rubuga, Mwuka Wera yaramanukaga maze Agasiga iyo nyenyeri hanyuma Akayirinda neza neza nk'uko Yabaga yabikoreye inyenyeri yayibanjirije.

44 Noneho, munkundire - munkundire mbahamirize ibyo. Pawulo yavuze… Niba mushaka kumenya uburyo bw'iyo nyenyeri ubwo ari bwo, kuko mwibuke, Satani na we ni inyenyeri, inyenyeri yo mu ruturuturu… Noneho, mwitegereze, Pawulo yavuze… Mwaba mwizera ko ari we nyenyeri y'Igisekuru k'Itorero cya Efeso? [Iteraniro riti: "Amina." - U.I.] Yavuze - mu by'ukuri, niba mushaka kubihamirizwa, mu Bagalati 1:8 Pawulo yavuze (avuga hariya), ko hazaza igihe uko ibihe biha ibindi ubwo hazaza amasega aryana n'ibindi, avuga ati: "N'ubwo haba marayika umanutse ava mu Ijuru maze akaza yigisha ubundi butumwa…" Mu by'ukuri, yari azi ko uriya mugabo wari ugiye kuza, yajyaga gusa na marayika, gisimbura ukomeye. Yavuze ati: "Uwo yaba we wese, niba marayika cyangwa undi wese aje kwigisha ikindi kitari ubu Butumwa twabigishije, avumwe!" Byaba ari ukuri?

45 Ni Pawulo wari warahatiye abantu kongera kubatizwa niba batari barabatijwe mu Izina rya Yesu Kristo, ngo baze bongere babatizwe kugira ngo bazakire Mwuka Wera, Ibyakozwe 19:5. Ni na we kandi warambitse ibiganza ku bantu, yari afite impano, yari yarashyizeho gahunda mu rusengero, kandi yari afite ibitangaza bikoreka: ugukiza indwara bya kimana, impano yo kuvuga mu ndimi n'iyo gusobanura indimi. Byaba ari iby'ukuri? 1Abakorinto 12, murebe icyo Pawulo yavuze. 1Abakorinto 12, murabibona. Mu rusengero yashyizeho… Imana yari yarashyize izo mpano zikomeye mu rusengero; maze Pawulo abishyira muri gahunda, yabishyize muri gahunda, kugira ngo bishobore gukorera ikuzo ry'Imana. Ni cyo Pawulo yavuze. Rero, niba umuntu, idini yaba abarizwamo ryose, niba agerageza kuvuga ko iminsi yo kuvuga mu ndimi, iyo gusobanura indimi, iyo gukiza indwara bya kimana, iy'ibitangaza, iy'ubuhamya bwa Mwuka Wera mu ishusho y'umubatizo… avumwe. Kuko wa Mwuka umwe wari kuri Pawulo, azaba ari We Mwuka woherejwe mu gisekuru k'Itorero gikurikiyeho, Mwuka umwe ku gisekuru gikurikiyeho, kandi bikomeza kuba Mwuka umwe kugeza ku gisekuru cya nyuma. Mwuka umwe, Mwuka Wera. Mwaba mubyizeye?

46 Niba mwitegereje neza ibi, byanditse hano. Umwanditsi yari abizi neza. Nimutege amatwi, ya "Myuka irindwi (7)". Mwitegereze: "M" nkuru, Mwuka Wera, hariho umwe rukumbi. Yego yego. Wa Mwuka Wera umwe uza ku ncuro nyinshi kuri ibyo bisekuru by'Itorero byose, Azanye wa Mucyo umwe. Mwaba mubisobanukiwe noneho? Ibisekuru birindwi by'Itorero; incuro ndwi uwo Mwuka Wera yajyaga kuzana ubwo Butumwa bumwe, n'umuvumo waturiwe ku muntu wajyaga guhindura ibyo.

Ni byiza, murebe niba ibyo bihura n'ihishurwa ry'Ik'ingenzi cyuzuye. Yavuze ati: "Uzagira icyo agabanyaho cyangwa yongeraho, umugabane we uzagabanywa ku Giti cy'Ubugingo." Byose rero biratwikiriwe. Rero, nta buryo mufite bwo gusimbuka habe n'ubwo kunyererera ahandi, murabona, kuko ari ibyo. Ni cyo Imana yavuze; ni cyo Mwuka yavuze; kandi ni cyo amatorero yavuze. Noneho, noneho niba mugerageza kwinjizamo ku ngufu indi nyigisho itandukanye n'iyo Pawulo yigishije, irapfuye. Bibiliya iratunganye. Ubugingo bwe…Yesu yavuze ati: "Nzakura umugabane we mu Gitabo cy'Ubugingo."

Mu by'ukuri, muzavuga muti: "Mugabane ki w'Igiti cy'Ubugingo?"

47 Hari abantu benshi bafite amazina yabo mu Gitabo cy'Ubugingo kandi akaba ari nta shiti ko

bazirukanwa. Murabizi neza, si byo? Mwaba mwibuka ikigisho cya ririya joro? Mwaba mwaragifashe neza? Nshobora kubisubiramo, twavuga ko bitari byasobanuka neza, ntitwumva ko ari cyo kidukwiye. Murabona?

Yuda Isikariyota yari umwana wa Satani; yari idayimoni yiyambitse umubiri wa kimuntu. Yemwe - Bibiliya ivuga ko ari ko yari ari rwose. Bibiliya ivuga ko yari umwana wo kurimbuka.

Nimukurikire ibi mutuje mu gihe gito. [Mwenedata Branham yandika ku kibaho. - U.I.]

Noneho, Yesu yari hano; hano, ni igisambo cyari iburyo Bwe; uyu, ni igisambo cyari ibumoso Bwe. Noneho, iyo… Yesu yari Umwana w'Imana. Byaba ari byo? Bibiliya ivuga iti: "Havumwe umanitswe ku giti." Yahindutse umuvumo ku bwacu; Yabambwe ku giti. Cyaratemwe, uko biri kose cyari igiti. Byaba ari iby'ukuri? Ni byiza cyane. Hano hasi, mu itaba ry'umusozi, hari undi. Yuda yari yimanitse mu muvumu. Byaba ari iby'ukuri?

Nimutege amatwi. Hano, ni Umwana w'Imana, wavuye mu Ijuru, Usubira mu Ijuru, Ujyanye igisambo kihannye. Hano, ni umwana wo kurimbuka; wavuye ikuzimu, usubira ikuzimu, ujyanye igisambo kitihannye ("Niba Uri…") igisambo kitihannye (Murabona?), igisambo kitihannye. "Niba Uri Umwana w'Imana, Ikize Ubwawe maze Ubone kudukiza natwe."

Uyu avuga ati: "Dufite…" (abwiriza, uwo mubwiriza w'Ubutumwa Bwiza) "Twebwe, dukaniwe urudukwiye, ariko uyu Mugabo arazira amaherere." "Mwami, Uranyibuke ni Ugera mu Bwami Bwawe." Yaba Yari nde?

48 Ijoro ryakeye cyangwa iryaribanjirije… Uyu, ni Abeli, w'Imana; uyu, ni Kayini, wa Satani. Nk'uko Kayini yatsinze Abeli ku gicaniro, ni ko Yuda yatsinze Yesu ku gicaniro. Ni iby'ukuri. Umwotsi wazamutse hariya muri Edeni kera umanukiye hano. Ni byo.

Mbega! Mbega uburyo ari mwiza, uriya muhanda ushaje, uriya muhanda ushaje w'umugisha, wuje ubwiza wose!

Noneho, noneho, tubona hano (mumbabarire) ko uyu marayika w'iki gisekuru k'Itorero cya Sarudi, Yamubwiye ati: "Imyuka irindwi; Ufite ya Myuka irindwi…" Andikira marayika w'itorero ry'i Sarudi uti: Dore icyo ubwirwa n'Ufite ya Myuka irindwi y'Imana,…

49 Noneho, ni bangahe bazi ko Imana ari Umwuka umwe rukumbi? Nta shiti. Imana, Mwuka Wera: Imana, Data, Mwuka Wera, ibyo byose, ni Ikintu kimwe rukumbi, mu by'ukuri, Mariya yasamye bikozwe na Mwuka Wera. Noneho - Ahubwo Imana yakoresheje Mwuka Wera mu Micyo irindwi ya kinyabutumwa itandukanye ku bw'Itorero, ibisekuru birindwi by'Itorero. Mwaba mubisobanukirwa? Ibisekuru birindwi by'Itorero.

Mu by'ukuri, muzavuga muti: "Imana ntikora ibyo". Yoo, yego, mwenedata!

Nimutege amatwi. Yakoresheje Umwuka wa Eliya, kandi ubwo Eliya yagendaga, Elisa yakiriye imigabane ibiri y'Ibyo. Kandi ubwo Elisa yarwaraga akanapfa, Ibyo nyuma byaje kuri Yohana Umubatiza, bimwe, Byamukoresheje neza neza bimwe n'ibya Eliya, aba mu butayu n'ibindi. Byaba ari iby'ukuri? Kandi byagenwe ko Ibyo byajyaga kugaruka mu bihe bya nyuma. Murabona? Imana ikoresha Mwuka kugeza ku mperuka.

50 Kandi Yesu yari asizwe na Mwuka Wera, Yajyaga hose, Agira neza. Byaba ari iby'ukuri? Kandi wa Mwuka umwe wari kuri Yesu, Yagarutse mu Itorero ku munsi wa Pantekote; Yagarutse mu gisekuru cyakurikiyeho, hanyuma mu gisekuru gikurikiyeho, hanyuma mu gikurikiyeho, hanyuma mu gikurikiyeho. None Ibyo ni ibiki? Ni wa Mwuka Wera umwe rukumbi. Mbega, ntimubona? Imana hejuru yacu, muri Data; Imana hamwe natwe, mu Mwana; Imana muri twe, mu Mwuka Wera. Ni imirimo itatu aho kuba imana eshatu. Murabona? Ibyo byitiriro bitatu (Data, Umwana na Mwuka Wera) bihurira ku Izina rimwe rukumbi ari ryo: Yesu Kristo. Ni byiza cyane.

51 Noneho, mukurikire mutuje mu gihe dukomeje tuti: "Imyuka irindwi… bivuzwe n'Ufite…" Mu yandi magambo, Akomeje intumwa Ze, intumwa zizasigwa na Mwuka Wera, n'uwo Mwuka Wera umwe wasize Pawulo wari uwa mbere; uwa kabiri, uwa gatatu, uwa kane, uwa gatanu, uwa gatandatu, n'uwa karindwi… bose bari mu kiganza Ke k'iburyo (mbega!), bakura imbaraga n'Umucyo byabo mu kiganza Ke k'iburyo.

Noneho, yagiye mu Ijuru. Kandi Filipo yavuze, apfa - Ahubwo ni Sitefano wavuze ati: "Ndabona Ijuru rikingutse, kandi Yesu yicaye iburyo bw'Imana." Noneho, ibyo ntibishaka kuvuga ko Imana ifite ikiganza k'iburyo kinini cyane, kandi ko We yicaye hejuru; Ahubwo "ikiganza k'iburyo" gishaka kuvuga ikiganza k'iburyo k'imbaraga n'icy'ubutware.

52 Uwo ubiri waremwe n'Imana… "Sinzemera ko Uwera Wange amenya kubora, kandi nta n'ubwo nzarekera ubugingo Bwe ngo buhere ikuzimu," ariko Yaramuzuye hanyuma imwicaza mu mwanya wa Mwuka ku gicaniro. Mwitegereze. Ubwo bamubonaga Yicaye ku gicaniro, Afite Igitabo mu kiganza Ke, nta

muntu n'umwe ku isi, habe n'uwo munsi y'isi, habe n'uw'ahandi wari ukwiye kureba icyo Gitabo; Ahubwo Umwana w'intama wari waratambwe isi itarashyirirwaho urufatiro, kure cyane iriya mu ntangiriro, ubwo Yatangiraga uwo mubiri wacunguwe, yaraje maze Akivana mu kiganza k'iburyo cy'Uwicaye ku Ngoma, maze Ayicaraho Ubwe. Amina. Ngibyo. Icyo ni cyo Cyanditswe. Ni byiza by'ukuri. Murabona?

53 Noneho, unesha, azicarana Nange ku ntebe Yange y'ubwami, nk'uko Nange nanesheje nkicarana na Data ku ntebe Ye. Mu yindi mvugo: "Nahetse Mwuka Wera mu mubiri Wange. Nanesheje iby'isi byose, binyuze mu bishuko, bikozwe na Mwuka Wera, kandi naranesheje." (kandi muri We ni ho hari umwuzuro w'Ubumana mu buryo bw'umubiri.) Yavuze ati: "Nahawe ubutware bwose mu Ijuru no mu isi." Ubutware bwose… Icyo gihe Imana nta bubasha igifite niba atari Yo Umwami Yesu Kristo. Kuko Bibiliya ivuga, Yesu yavuze nyuma y'izuka Rye ati: "Nahawe ubutware bwose mu Ijuru no mu isi."

Kandi Yesu avuye mu Ijuru azanye n'uduhumbagiza tw'abera Be, kandi Bibiliya ivuga ko ryarimo ubusa mu gihe k'igice k'isaha. Uwo muntu ukomeye, Imana, ari he rero? Yego, yego. Murabona, Ari muri Kristo. Nta shiti.

54 Kandi kuko turi abaneshi ku bwa Mwuka Wera, nka We, tuzicarana na We ubwo Azaza kwicara ku ngoma yo mu isi ya Dawidi, ngo twimane na We neza neza nk'uko Yabikoze ejuru iriya, n'ububasha n'ubutware ku isi yose, (Amina.). Isi na yo iraniha, itegereje uguhishuka kw'abana b'Imana, ngo bahishuke, abana b'Imana. Mu by'ukuri, uko biri kose, iyi si ntiyahawe Imana, ngo igenzurwe na Yo. Twitonde. Ni ukuri. Imana y'isi ni iyihe? Umuntu. Ni ubwatsi bwe. Byose, ikintu cyose mu isi kiri munsi y'ubutware bwa muntu. Binyuze mu cyaha, yaraguye; binyuze mu mbaraga zicungura za Kristo aragarutse, ni ukuri, kuko isi ari iya muntu, ni we yahawe, kandi yategekaga byose. Kandi ibyaremwe byose biraniha, bitegereje kiriya gihe abana b'Imana bazongera kugaragazwa. Mbega byiza! Uguhishuka kw'abana b'Imana… Mu by'ukuri, twaba turushijeho gukora neza tubaye dushyize ibyo ku ruhande none.

55 Ahubwo intumwa ziri mu kiganza Ke k'iburyo, zitegereje. Aho Yabohereza hose, bazavuga bimwe. Kuko Mwuka Wera wari muri Kristo… Mbega, Mwuka wari muri Kristo, ubwo Yagendaga, Yavuze ati: "Hasigaye igihe gito isi ("kosmos", iri jambo ry'ikigiriki risobanura "gahunda y'isi", ntabwo ari ubutaka, isi, gahunda y'isi) ntibe icyongera kumbona ukundi. Amadini, cyangwa abandi, ntibakimbonye ukundi. Ariko mwebwe, muzambona (itorero, abizera), kuko nda-… ("N", ngenga, iboneye) Nzabana namwe, ndetse muri mwe, kugeza ku mperuka," Yesu Kristo udateze kuzahinduka. Mwaba mubibona?

56 Rero, niba ibyo, byari Mwuka Wera wa Kristo waje ku munsi wa Pantekote kandi wari yarakoze ibyo bintu, ni Mwuka Wera wa Kristo wacuncumuriwe hano, Mwuka Wera aracyakomeza hano, Mwuka Wera aracyakomeza hano, ubudahwema, hano no kugeza ku mperuka. Wa Mwuka Wera umwe wujuje Pawulo Mwuka Wera n'ibyo yakoze, Azuzuza uyu Irene Mwuka Wera, Azuzuza Maritini Mwuka Wera, Azuzuza abandi bose Mwuka Wera, kandi Aratwuzuza, nge namwe, Mwuka Wera, kandi ni umugisha wa Pantekote uva ku gisekuru k'Itorero kimwe ujya ku kindi: Alufa na Omega, Itangiriro n'Iherezo, n'ibindi, Igishyitsi n'Ishami bya Dawidi, Inyenyeri yo mu Ruturuturu, Iroza rya Sharoni, Umwangange wo mu Kibaya n'ibindi, Data, Umwana na Mwuka Wera, Uwahozeho, Uriho kandi Ugiye kuza, Alufa, Omega, byose, Byose muri bose. Mbega byiza! Ibyo bintera gushaka kuririmba indirimbo. Mbega, muvuga ko Ndi nde (Byabajijwe na Yesu)? Muvuga ko Nturuka he? Mwaba muzi Data, cyangwa mwambwira Izina Rye? Avuga ati: "Ni Nge Alufa na Omega, Itangiriro n'Iherezo, Ndi ibyaremwe byose, Nitwa Yesu. Ni Nge wavuganiye na Mose mu gihuru kigurumana kidakongoka. Ndi Imana ya Aburahamu, Inyenyeri yo mu Ruturuturu, (Ni byo.) Ndi Iroza rya Sharoni, none muvuga ko nturuka he? Ndi ibyaremwe byose, kandi Yesu ni ryo Zina Ryange."

57 Umuryango wose mu Ijuru no mu isi wisunze iryo Zina rukumbi ry'umugisha dusangiye, ryuje Mwuka Wera, ryageragejwe, ryatanzwe na Mwuka Wera, ryatangajwe na Mwuka Wera kandi ryabyawe na Mwuka Wera. Ni byo. Imana yahaye iryo Zina umuryango wose mu Ijuru no mu isi, n'ibindi, kandi ivi ryose rizapfukamira iryo Zina. Kandi nta rindi zina munsi y'Ijuru ryahawe abantu tugomba gukirizwamo: si bashobora, bakagombye, Ahubwo bagomba gukirizwamo. Mbega, ndabikunda. Ni byiza mu by'ukuri. Ni byiza cyane.

58 "Mu kiganza Cye k'iburyo…" Mu by'ukuri, mbese murabona noneho? Ni Itorero rya Pantekote, imbaraga, ibimenyetso n'ibitangaza bigaragazwa uhereye mu ntangiriro ukageza ku iherezo. Noneho, turi… Twazengurutse ibisekuru by'icuraburindi Ryanigiwemo byuzuye. Noneho, dufate umurongo wa 2. Mbega, ntekereza ko tugiye kongera gukomezanya buhoro n'uyu murongo wa 1: Nzi imirimo yawe, nzi ko ufite izina ry'uko uriho, kandi uri intumbi.

Tuge ku itorero rikurikiyeho, hano, muri bubone: "Ariko ntiwihakanye Izina Ryange." Ku itorero rikurikiye Yavuze ati: "Ntiwihakanye Izina Ryange". Ariko muri iri torero: "Ufite izina." Nimukurikire ibi! Iri torero ryakomeje Izina Rye. Iri torero ryakomeje Izina Rye. Iri torero ryarinze Izina Rye. Iri torero ryanyuze mu gisekuru cy'icuraburindi kandi ntakibivugwaho. Iyo baje mu buzima, muri uru ruhande, ku mukumbi muto w'abari barokotse, ubwo Luteri yari yabasohoye, ababwira ati: "Ufite izina ry'uko uriho, kandi uri intumbi." Ni irihe zina bakoreshaga nyuma yo guta Izina rya Yesu? Irya "Data, Umwana na Mwuka Wera". Kandi ibyo ntabibaho! Ni iyobokamana ripfuye - ripfuye!

Noneho, ni irihe Dina bakoresheje amaze kujugunya Irina ray Yesus? Data, Mwana, Mwuka Wera, Kandi nta kintu kibaho nk'icyo. Ni tewolojiya ipfuye.

59 Nimumbwire: Mbese Data ryaba ari izina? Ba data bari hano ni bangahe? Nimuzamure ikiganza. Muri mwe, ni nde waba yitwa data? Umwana? Kandi abantu, icyo - icyo, ni cyo bari cyo. Si… Izina Rye si Mwuka Wera; ni cyo Ari cyo. Ni We Mwuka Wera. Izina… Mwuka Wera si izina, Mwuka Wera ni ikitiriro. Data, Umwana na Mwuka Wera.

Murabona neza rero ibyo ko ari nta shingiro bifite kuvuga iby'"Ubwana bw'iteka". "Ubwana bw'iteka", ibyo ntabibaho! Umwana agira ikimubyaye. Si ko bimeze ku k'iteka.

60 Ibyo ntibibaho, ni nk'ibyo navuze muri ririya joro birebana n'umuriro w'iteka. Byashoboka bite ko habaho umuriro w'iteka? Ni uko ari nta gihe umuriro utabayeho. Bibiliya ivuga ko waremewe Satani n'abamarayika be. Hashobora kuba ari nta gihe hatabayeho umuriro bita "utazima"; niba ari nta gihe utabayeho, hazabaho… wakagombye kuba warabayeho mu ntangiriro. Kandi ibyo… ni nde wawifashishaga kera, ubwo - ubwo yari El, Elah, Elohim: "Uwibeshejeho", ubwo ari nta kindi cyabagaho? Ukuzimu rero byari byarabaye ngombwa ko kubaho muri kiriya gihe nyine iruhande Rwayo. Murabona? "Ukuzimu kwaremewe Satani n'abamarayika be. Kandi ababi bose bazakujugunywamo." Ni ukuri kudashidikanywa. Wenda bazahanwa mu gihe k'imyaka miliyoni ijana kubera ibyo bakoze, ariko igihe kizagera ubwo bazapfa urupfu rwa kabiri. Nta cyabo na gito kizarokoka. Igifite itangiriro cyose gifite n'iherezo. Rero, iyo twakiriye Ubugingo bw'iteka, twakira igice cy'uwo Mucyo wa gikosimiki wari hariya kera cyane na mbere y'uko habaho agace k'ikintu gahebuje utundi kuba gato (morekire). Uwo Mucyo winjira mu mitima yacu maze Ukatumurikira kugira ngo tubashe kubona Yesu.

Bibiliya ivuga ko tutabona byose, ariko tubona Yesu.

61 Mu by'ukuri, Yavuze ati: "Nzi ko… Ndi Ufite Imyuka irindwi, Nkayoherereza amatorero arindwi. Nzi imirimo yawe yose kandi Nzi ibibyerekeye byose, ariko ufite izina ry'uko uriho, kandi uri intumbi." Noneho, mwibuke neza, ni igisekuru cya nde? Maritini Luteri, igisekuru kitiriwe Luteri.

Mu by'ukuri, bari baraciriweho iteka uhereye mu ntangiriro, nta n'intangiriro bari bafite, bari barapfiriye mu ntangiriro. Ntibagombaga gupfa, bari barapfiriye mu ntangiriro. Murabona? Bari barakuwe ku Giti cy'Ubugingo.

62 Noneho, nimwitegereze ibi. Noneho, dusome umurongo ukurikiyeho: Kurikira. Ba maso, kandi ukomeze igisigaye kenda gupfa, kuko ntasanze imirimo yawe itunganye imbere y'Imana yange.

Noneho, Uwiteka aravugisha Luteri rero. Turemeranya twese ko iki - iki ari igisekuru cya Luteri, akaba ari cyo cy'Ubugorozi. Noneho, ni iki yavuze? "Wasohokanye izina ry'ikinyoma ryo kubaho, ariko warapfuye." Ni iki bari barakoze? Bari barahise bazana ibyo ku yindi ncuro mu idini. "Kandi amashyiga ntashobora guseka Imbabura"; mwicira iteka ku bagatolika kubera ibyo. Murabona? Kuko mwaromboreje no muri byo ngo dumburi, mukoresha amahame n'amazina byabo. Mu by'ukuri, Luteri yasohokanye igice kinini cya gatigisimu n'ibindi kiriziya gatolika yari ifite, maze yiha izina ubwe. Murabona: "Ufite izina ryo kubaho, iryo zina rivuye kuri iyo myaka igihumbi y'urupfu, hano, kandi uracyatsimbaraye kuri iryo zina." "Ufite izina" Waba uryibuka?

Kugira ngo tube duhamirijwe ko ari iby'ukuri, andi matorero, yabwiwe ngo: "Wakomeje Izina Ryange." Muri iki gisekuru, bararitakaje! None Aje hano maze Avuga ati: "Ufite izina ry'uko uriho kandi warapfuye."

63 Mbega, mwebwe abametodisite, ababatisite, abaperesibiteriyani, abaluteriyani n'abapantekote, nimwihane hanyuma mubatizwe mu Izina rya Yesu Krito kugira ngo mubabarirwe ibyaha byanyu! Nimusohoke muri ayo mahame yanyu ashaje kandi apfuye no muri ibyo bintu by'idini gatolika rigiye gukongokana n'abakobwa baryo bose.

Nta n'umwe washobora kuvuga ko "Data, Umwana na Mwuka Wera", ubwo buryo… Kandi icyo kintu, icyo bakita ubutatu butagatifu. Ubutatu? Nashakaga ko hagira umbonera byonyine ijambo "ubutatu" muri Bibiliya, maze aze abimbwire, kubona byonyine ijambo "ubutatu"! Ibyo nta n'ibirimo! Nta bibaho!

64 Noneho, noneho: …byenda gupfa… "Komeza icyo ufite, Luteri yarakuranduye. Bikomeze, kuko byenda gupfa! Mugiye… Bazakugarura baromboreje muri ibyo bintu. Bikomeze; birenda gupfa."

Noneho: …ariko nagusanze udatunganye imbere y'Imana yange.

Si byiza? Mbega byiza! Ndabikunda! Ibidatunganye, kubera iki? Bari batsindishirijwe byonyine. Luteri yabwirizaga gutsindishirizwa. Twagombaga gutsindishirizwa, hanyuma tukuzura Mwuka Wera. Rero, si bo babyigiraga, bari batunganijwe na Mwuka Wera muri bo. Si umukristo utunganye, ni Mwuka Wera muri we utunganye. Murabona? Ni cyo… Nk'uko mbivuga nti: "Si umusozi wera, ni Imana Yera ku musozi. Si urusengero rwera, si ubwoko bwera, Ahubwo ni Mwuka Wera mu rusengero no mu bwoko." Nguko ukwera. Murabona?

65 "Noneho, sinagusanganye imirimo itunganye. Ntiwari washyikira ubutungane. Mu by'ukuri, turabona rero ko bari bafite ugutsindishirizwa, hano nyine, ugutsindishirizwa. Byari… Oya, mumbabarire. Ugutsindishirizwa, ni hano munsi ya Luteri, kandi ukwezwa, ni ubu. Kandi ubu, ni Mwuka Wera. Murabona? Mu by'ukuri, ni za ngingo eshatu zakoze muri ibyo bisekuru bitatu by'Itorero, ni cyo gikwiye kugira ngo habeho ukubyarwa kuzuye. Bari barasamwe byonyine nk'akabuto mu nda y'umubyeyi. Ni ukuri, byari Mwuka Wera mu kubyarwa kuzuye…"

66 Noneho, nashakaga kugira icyo mbabaza. Iyo umuntu avutse mu buryo busanzwe, ni iki kibanza? Amazi. Igikurikiyeho? Amaraso. Byaba ari iby'ukuri? Igikurikiyeho? Umwuka. Ni byo!

Ni iki cyasohotse mu Mubiri wa Yesu ubwo Yatangaga? Bamucumise icumu mu rubavu, maze amazi n'amaraso bivamo: "Umwuka Wange nywushyize mu biganza Byawe.": Amazi, Amaraso, Umwuka.

"Rero nk'abatsindishirijwe no kwizera (Abaroma 5:1), dufite amahoro ku Mana binyuze ku Mwami wacu Yesu Kristo": ugutsindishirizwa. Ukwezwa, Abaheburayo 13:12 na 13: "Yesu yababarijwe hanze y'amarembo, kugira ngo Yeze Ubwoko binyuze mu Maraso Ye bwite." Luka 24:49: "Ariko mwebwe, mugume mu murwa wa Yerusalemu kugeza igihe muzambikirwa imbaraga zivuye Hejuru. Mwuka Wera ni abamanukira, muzaba abagabo bo kumpamya guhera i Yerusalemu, i Yudaya, i Samariya no kugera ku mpera y'isi."

Si iyo uhindutse umwepisikopi; si iyo uhindutse umudiyakoni; si iyo uhindutse pasitori; si iyo uhindutse papa, Ahubwo nyuma yo kumanukirwa na Mwuka Wera, ni bwo utanga ubuhamya. Ntushobora gutangira ubuhamya urusengero rwawe n'amahame yawe, ni… niba uri umudiyakoni byonyine, niba uri umupasitori byonyine, niba uri umupapa byonyine, cyangwa niba uri… uratangira ubuhamya amahame. Ariko igihe Mwuka Wera azakumanukira, ni We uzatangira ubuhamya. Kandi imirimo Yakoze, ni yo namwe muzakora, kuko Ubuzima Bwe buri muri mwe. Mbega, mbega, mbega byiza! Ndabikunda. Yego, yego. Mbega, ndabyakiriye, ndushijeho kubyakira ubu, ntekereza, ko mutabyakira hariya. Ndumva Bingushije neza by'ukuri.

67 Komeza cyane ikiri hafi yo gupfa. Noneho, Aravuga hano, noneho ku murongo wa 3 ati: Ibuka rero icyo wakiriye kandi wumvise (ndabikunda!) gikomeze kandi wihane. Ni utaba maso, nzaza aho uri nk'umujura, kandi ntuzamenya igihe naziye.

"Komeza cyane ugutsindishirizwa kwawe. Gutsimbarareho!" Ntukemerere bariya bantu kubikwambura, "Icyo wakiriye ukanumva." Basomaga Bibiliya imwe natwe, murabona, ariko, ntibavanagamo incuro yuzuye, kuko Ritari ribahishukiye. Ntibyari iby'igisekuru cyabo. Ni yo mpamvu bazaba mu izuka. Bagendeye mu cyo bari bafite nk'Umucyo, ngo bakigenderemo; ni yo mpamvu bazabayo.

Mu by'ukuri, numvise abapantekote benshi babwiriza umubatizo bavuga bati: "Bariya baluteriyani n'abandi ntabazabayo!" Mbega, yego! Hari agakuru nzi kuri dogiteri Aegery, hariya, ubwo namubwiraga… Avuga ati: "Turi iki?" Narashubije… Murabizi, bubatse iriya seminari nkuru ya kiluteriyani, hariya, "Betaniya", i Minneapolis. Maze abaza ati: "Mu by'ukuri, twebwe abaluteriyani, icyo twakiriye ni iki?"

68 Namushubije nti: "Mu by'ukuri, ngiye kukibabwira. Nizeye ko mwakiriye Kristo!"

Kandi avuga ati: "Mu by'ukuri, dukeneye - dukeneye Mwuka Wera." Abaza ati: "Utekereza ko twamwakiriye?"

Musubiza nti: "Birashoboka." Maze nongeraho nti: "Mwaba mwizera Ibyo?"

Abaza ati: "Mu by'ukuri, waba ushaka kuvuga iki?"

69 Mu by'ukuri, bari bafite amagana n'amagana ya za hegitari z'ubutaka abanyeshuri… niba ari nta buryo bafite - niba ari nta buryo bafite bwo kwishyura amashuri yabo, babemerera gukora kugira ngo bishyure amashuri yabo, bahinga ibigori. Mvuga nti: "Mu by'ukuri…" Hariya by'ukuri hari ameza n'ameza yuzuye rwose. Bampaye ifunguro ry'amanywa rya smorgasbord [ifunguro ryuzuye ryo mu majyaruguru y'Uburayi - U.I.], buriya, muri iyo seminari nkuru, kandi hari abantu b'intwari. Dogiteri Aegery yari yicaye hariya, na mwenedata Jack Moore yari hano, impamvu nari namwiyegereje, kwari ukugira ngo mu gihe uwo akoresheje amagambo akomeye ntazi, mpirikishe Jack ivi kugira ngo ambwire icyo avuze. Murabona? Rero, mvuga…

Yari anyicaye iruhande; ambwira ati: "Icyo twashakaga gukora, ni ukugira icyo tubona hano." Avuga ati: "Dusonzeye Imana." Kandi arakomeza ati: twasomye igitabo kivuga ku bapantekote: impano. Kandi yongeraho ati: "Twaragiye, itsinda rya benedata muri twe, twafashe indege itugeza muri California, duhura n'umugabo wanditse cya gitabo (ndamuzi)". Avuga ati: "Turashaka kubona zimwe muri izi mpano zikora." Abasubiza ati: "Nta n'imwe nigirira, nabyanditseho byonyine." Kandi avuga ati: "Rero ubwo twajyaga hariya maze tukabona ibyo, twagumye ku nzara yacu. Dukeneye Imana."

70 Mvuga nti: "Mu by'ukuri, igihe kimwe, hari umugabo wagiye (murabizi, hariya ku bwatsi bwe bwite),

umugabo umwe yagiye gutema ubwatsi bwe bunini cyane. Kandi yarandaguye imizi yose n'ibindi, hanyuma atera ibigori. Buri gitondo, yahagararaga mu irebe ry'umuryango ngo arebe ko hari ibigori byameze. Kandi ikintu cya mbere, murabizi, igitondo kimwe, imimero ibiri yarahingutse." (Niba hari umaze guhinga ibigori… bari he George Wright, Roy Slaughter n'abandi? Murabizi, iyo mimero ibiri isohoka…)

Avuga ati: "Mbega! Imana ihabwe ikuzo ku bw'umurima wange w'ibigori!" Nabajije iki kibazo nti: "Yaba yari afite umurima w'ibigori?" Ansubiza ati: "Yego, mu buryo bumwe!"

Mubwira nti: "Yego, n'ubwo utabibona!" Mubwira nti: "Ni mwebwe, abaluteriyani, igihe cy'Ubugorozi bwa mbere, mwari mwaramejeje uriya mumero wa mbere." Murabona? Mvuga nti: "Mu by'ukuri, nyuma, icyo kigori cyaje gukura." Sinamubwiye ibigwa (murabona?), namweretse byonyine ko ibigori byari byarakuze.

71 Rero mvuga nti: "Igihingwa k'ikigori cyarameze kandi, nyuma, cyazanye umusatsi". Kandi iyo aigrette ireba munsi yayo, irebana ikibabi agasuzuguro maze ivuga iti: "Ha, ha, ha! Nta na gito mufite, mwebwe abaluteriyani b'abanyamihango!" Murabona? Avuga ati: "Ndi… Ndi uwororotsa, igisekuru gikomeye k'iyogezabutumwa!" Umuyaga utangira guhuha, maze udusatsi turahubagurika hanyuma tugwa ku butaka. Buriya, ni Wesley, ukwezwa. Murabona? Ni cyo gisekuru gikomeye k'iyogezabutumwa kigeze kubaho, ni ik'itorero rya kiwesley, mu gihe cya Wesley, birenze ndetse n'iki gisekuru. Igisekuru k'Itorero cya kiwesley, ni igisekuru k'iyogezabutumwa, kandi cyaragutse. Ni iki yakoze? Yarabyogeje.

Murabona, ndetse n'ibidukikije bihamya ibyo bintu bitatu, hano nyine. Ibidukikije ubwabyo, Imana, mu ntangiriro, Yarabikoze ngo bibe bityo. Nta n'ubwo muhaswe kuba mufite Bibiliya, mukwiye kureba ibidukikije ngo murebe aho muhagaze. Murabona?

72 Hanyuma, kandi buriya nyuma, yaraguye. Kandi ni iki cyabivuyemo? Ikigori gihunze intete. Buriya, ryari itsinda ry'abapantekote. Mu by'ukuri, itsinda rya gipantekote ryari iry'uburyo bumwe n'iringiri, hano hasi. Uhereye hano, yagize imimero ibiri y'ibigori, Luteri; hano, afite AIGRETTE, Wesley; kandi hano, habaye intete z'ikigori (gute?) neza neza bisa n'icyo yari cyo hariya, bimwe!

Mu by'ukuri, noneho, ibi byari ibiki? Avuga ati: "Simbakeneye mwebwe, abametodisite, habe namwe, abaluteriyani!" Ariko uko biri kose, ubuzima bwite bwari muri ya mimero mito yombi bwagize uruhare mu ikorwa rya AIGRETTE! Kandi ubuzima bwari muri AIGRETTE bwakoze intete y'ikigori. Rero, murabona, ibyo byose, yari gahunda y'Imana. Mu buryo bumwe cyangwa ubundi, bari bafite Mwuka Wera. Akaba ari na ko byari bimeze kuri Wesley munsi yo kwezwa, ariko none, ibyo byagaruye ukuvuga mu ndimi, n'ishumbushwa ry'icyahozeho mu ntangiriro, wa Mwuka Wera umwe, murabona, Mwuka Wera nyakuri. Amina! Yego.

73 Ni byiza cyane. "Komeza ushikamye icyo wumvise, hato kidapfa." Noneho, umurongo wa 4, nizera ko ari ibyo: Nyamara, ufite amazina make hariya i Sarudi abatanduje imyambaro yabo; kandi bazagendana nange bambaye imyenda y'ibitare, kuko babikwiye.

"Mu by'ukuri, ntukabigire idini. Nta byo twashakaga gukora." Oya, nasomye umurongo utari ngombwa, si byo? Si byo Ahubwo nakoze? Yego, yego, ni byo. Yego. Ni byiza cyane. "Muri Sarudi, abatanduje imyambaro yabo." Hari bake uko biri kose bari baranze gupfukamira kiriya kintu, kandi bari baririnze (iriya nzira ya kera yaturukaga kure iriya kuri pantekote), buje Mwuka Wera. Mu gisekuru cya Luteri, umubare munini muri bo batangira kwishyiriraho inzego z'idini. Ni iki bakoze? Batangiye nk'uko bivugwa na Bibiliya, bagenza nka nyina, basubira mu madini yabo. Ariko bamwe muri bo barabyitaza, abatarashakaga kubikora. Birobanuriye Imana. Bavuga… Bavuga bati: "Mu by'ukuri, ni byiza cyane, ufite amazina make, kandi bakwiye kugendera imbere Yange, bambaye imyenda y'ibitare." Mwirinde gushinga idini! Mwirinde rero inyigisho za kinikolayiti! Ntimugasubire gutangiza idini ryanyu, Ahubwo mugirire umudendezo mu Mana! Mureke Mwuka Wera abayobore uko Mugenda mujya mbere! Hasigaye umukumbi muto.

74 Noneho, umurongo wa 5, ni ko ntekereza. Ufite ugutwi niyumve…

Turebe rero: Unesha azambikwa imyenda y'ibitare, kandi sinzahanagura izina rye mu Gitabo cy'Ubugingo, kandi nzatura izina rye imbere ya Data n'imbere y'abamarayika.

Noneho, "amazina make…" habonetse bake cyane, umukumbi muto, batari baremeye guheranwa n'inyigisho za gatolika. Ni byiza cyane.

75 Tugiye kuvuga Ubugorozi. Nashakaga… Nashyize ku ruhande ibya Luteri, kugira ngo nshobore kurobeka ibi hano. Noneho ku murongo ukurikira, handitswe ngo: Ufite ugutwi niyumve ibyo Mwuka abwira amatorero. Imana igerageza kubaburira hano kugira ngo bagume hanze y'ubwo bunikolayiti, babugendere kure, batandurisha imyambaro yabo iby'isi, bagumane byonyine umudendezo muri Yo, kandi ni Yo izabayobora. Mu by'ukuri, aho ni ho ho guhagurukira.

76 Noneho, binyuze mu "Bugorozi", ndashaka kuvuga "abacitse ku icumu", abari baracitse ku icumu mu itorero rya Sarudi, cyangwa Ahubwo… Mwaba musobanukiwe n'icyo nshaka kuvuga? Uko biri kose abari

baracitse ku icumu ry'icyo kintu giteye ubwoba. Mu by'ukuri rero, tuzabisubiramo ejo nimugoroba, kandi tuzabikoresha ubu mu gisekuru cya gipantekote, kandi tuzabereke ko ari ibyo neza neza. Mu by'ukuri, hari bimwe muri ibyo bintu tuvuga hano, nk'uburyo barokotse ibyo, mu by'ukuri, tuzabyerekana mu gisekuru gikurikiyeho. Murabona, dukwiye kubishyira ahabona kugira ngo tubihuze byose. Ni mutabikora, rero, muzananirwa guha abantu… gucengeza ibyo mu gisekuru gikurikiyeho. Murabona? Mukwiye kubibaha neza neza nk'uko bitangwa na Bibiliya hano. Murabona? Ni byiza cyane.

77 Noneho, ni abacitse ku icumu Ivuga. Ni abangaba, iri tsinda rito, ryabeshwagaho no gutsindishirizwa. Noneho, mutege amatwi! Bari barasohotse, bari barabonye Umucyo, Luteri yari yara-… Kandi nyuma y'urupfu rwa Luteri… Si Luteri, Luteri ntiyigeze ashinga idini! Ni ririya tsinda ryaje nyuma ye. Wesley ntiyigeze ashinga idini! Ni ririya tsinda ryaje nyuma ye. Ziriya ntwari zashinze Pantekote ntizigeze zishinga idini, ni itsinda ryaje nyuma yabo, ni abo bakoze ibyo. Murabona? Ni ku gisekuru cya kabiri ibyo bisohora. Marayika nyakuri w'Umucyo ntateze kuzashinga idini. Kandi muzabona muri iki gisekuru cya gipantekote n'ibiba ku iherezo ry'iri dini (murabona?), ubwo Mwuka Wera azabiduhishurira.

78 Mu by'ukuri, Avuga ati: "Musigaranye ubusabusa bw'ubuzima, ubusabusa bwonyine. Burenda kuzima; burakendera, hari ugutsindishirizwa konyine, kandi bashobora kubateragana impande zose. Ntimwari mwagira Ubugingo, mbese mwakiriye izina ribi. Ariko nibura mwararokowe. Murabona, muri… mwarokotse idini rya kiroma. Mwarokotse ariya mahame yose, nibura kugeza ubu mwabivuyemo. Noneho, murasoma ya Biliya imwe." Mu by'ukuri, Ahubwo iyo Bibiliya yigisha Mwuka Wera… Ntiyigeze abaciraho iteka ku bw'ibyo bari bafite. "Byikomezeho cyane kugeza igihe nzazira." Murabona, komeza byonyine kubyikomezaho!

79 Rero, iki gisekuru k'Itorero kiratangira ahagana mu mwaka wa 1520, ubwo idini gatolika rya kiroma ryari rigeze mu bushorishori bwaryo. Ibyo byatwaye igihe guhera ku wa 31 ukwakira (niba mwese, mubyitondeye), ku wa 31 ukwakira 1570 nyuma ya Yesu Kristo, ubwo Maritini Luteri yandikaga urutonde rw'ingingo 95 ku muryango w'urusengero rw'i Wuttenberg, W-u-t-t-e-n-b-e-r-g, Wuttenberg, mu Budage. Kandi uhereye icyo gihe, Ubugorozi bwashyizweho, umuriro watangiye gusakazwa. Yigometse kuri iryo dini gatolika ryakoreraga hariya, iyo karamu, gutya, avuga ati: "Iki cyaba ari Umubiri wa Kristo? Iki ni hositiya na divayi nkeya." Na vlan! Yarabijugunye! Ni ukuri!

80 Yigometse ku idini gatolika, mbese ibyo bitangira uhereye ubwo icyo gikorwa gito cyo kurokora. Ni byiza cyane, nimutege amatwi, yari ari mu nzira. Ariko byari birenze kuba intambara y'ubutegetsi bwa politike kurusha kuba iby'Itorero nyakuri, ku bw'amahame ya gikristo. Barwaniraga uburenganzira bwa politike bwo gusohoka mu idini maze ukishingira irindi. Nta bugorozi bigeze bakora, ubwo basohokaga mu idini gatolika, ngo bagarure Mwuka Wera n'imbaraga mu itorero, mu by'ukuri barabihakanaga. Murabona? Kwari ukwishyira hamwe kwa politike. Ni… Ibyo byahuraga by'ukuri na "Ufite izina ry'uko uriho, kandi uri intumbi." Mu yindi mvugo, nta kindi yakoze usibye gusohokana n'idini rya giporoso. Nta kindi. Yabyaje umukobwa idini… Yakoze ku buryo indaya ibyarwa n'indi. Neza neza ni cyo cyabaye. Yabyaje Ataliya Yezebeli.

81 Mu by'ukuri, usomye amateka y'Ubugorozi azi ko ari ukuri, kuko yarimbuye udusigazwa duke dushaje, amabwiriza n'imihango, ariko ku birebana no kugarura Mwuka Wera mu itorero nk'uko byari bimeze hano, nta byo yakoze. Habe na busa! Byari birushijeho kuba intambara ya politike aho kuba iy'umwuka. Byari politike aho kuba Mwuka Wera. Mwuka Wera yari atarinjira mu itorero. Yoo, mwenedata, Yari ataragaruka! Yaragarutse hano, ariko si hariya.

82 Mu by'ukuri, kwari ukwihuriza hamwe gukomeye kwa politike, ariko ntikwari ukw'Ibyanditswe Byera na Mwuka Wera. Yiyambuye udusigazwa dushaje duke, umusaraba, za "ndakuramutsa, Mariya" n'ibyo byose. Ariko uko biri kose yasohokanye gatigisimu. Uko biri kose yasohokanye… Ibyo babyita bate? Iriya mirimo ya konsekarasiyo, cyangwa ikindi, buriya, iyo bagiye mu gitondo cya Pasika, maze pasitori akabifuriza Noheri nziza, murabizi, ababwira ko atazongera kuba akibabona kugeza kuri Noheri, murabizi. Ibyo… Yoo, tubisanga mu murimo wo gukomezwa, ni cyo nashakaga kuvuga. Bararikiraga abantu kuza ngo babakomeze, kubaha ifunguro ryera rya mbere no kubakomeza. Ikomeza, ibyo ntibibaho! Ikomeza rimwe rukumbi rivugwa muri Bibiliya, ni igihe Imana yahamishaga Ijambo Ryayo ibimenyetso n'ibitangaza byagendanaga na Ryo. Iryo ni ryo hamya, rikareka kuba ihamya ryo kuba ubarizwa mu idini rya kiluteriyani. Ni Imana ihamiriza Ijambo Ryayo muri wowe. "Kandi Uwiteka yakoranaga na bo (Mariko16), Ahamirisha Ijambo Rye ibitangaza byagendanaga na Ryo." Ngiryo ihamya ry'Itorero rya Pantekote. Ngiryo ihamya… Imana irahamya ko ari nzima, nk'Imana ikorera ibitangaza mu Itorero binyuze mu kuvuga mu ndimi, kuzisobanura, no mu gukora bimwe n'ibyo Yakoreshaga abantu mu ntangiriro.

83 Mbese naba mbarambiye? [Iteraniro riti: "Oya" - U.I.] Ni byiza cyane. Mwitegereze rero, ntabwo bagaruye ububyutse bwa Mwuka Wera. Batangije igisekuru k'Itorero gishya. Basohoye abari bararokowe n'abari baracitse ku icumu ry'inzego za kiroma maze bashinga inzego za giporoso. Nta kindi bakoze. Bavuye mu itanura basimbukira mu muriro! Murabona? Ni - ni iby'ukuri. Nta shiti!

Yezebeli nta kindi yakoze usibye kubyara umukobwa. Mu by'ukuri, ntimutekereze ko mvuze ibi ngo

nigire bamenya. Ndabivuga kuko bivugwa na Bibiliya. Mu Byahishuwe 17, Bibiliya ivuga ko 'yari nyina w'indaya.' Yesu avuga hano ati: 'Azaba ameze neza neza nka Yezebeli.' Kandi yari yarabyaye abakobwa maze banduza icyo gihugu kitari cyanduye. Mu by'ukuri, ni cyo neza neza ubuporoso bwakoreye Mwuka nyakuri w'Imana, bwanduje ik'ingenzi kandi bongera kugira icyo Kintu idini. Kuri ibyo, niba ari ubushake bw'Imana, nashakaga kubereka kucyumweru mugitondo ko - ko - ko bakoze ishusho y'inyamaswa, kandi iyo nyamaswa, ikaba ari Roma. Bakoze ishusho nk'iyo. Byari ibiki? Idini! Mbega! Niringiye ko ibyo bicengeye mu ndiba y'imitima yanyu!

84 Mu by'ukuri, muzibaza impamvu, mu buzima bwange bwose, narwanije idini cyane. Nta byo nari nzi ubwange. Ahubwo ni Ikintu runaka muri nge cyatakaga, kandi sinashoboraga kwiyumanganya. Nahoraga nibaza ibibazo, nibazaga impamvu byari… nijundikaga ntyo abagore. Murabona, ubuzima bwange bwose… si aba-… sinshaka kuvuga abagore nyabo, Ahubwo ndavuga abatakigira, murabizi, abatakiyubaha n'ibindi, murabizi. Ni iryo tsinda mvu-… ikintu runaka muri nge…

Ubwo nari nkiri umwana muto, buriya, nabonaga bariya bagore bahita mu muhanda kandi babaga bazi ko abagabo babo bagiye ku mirimo, ariko babaga bari aho, basinze ku nkombe z'umuhanda hamwe n'ikigabo, kandi babatemberezaga ku muhanda kugira ngo basinduke bihagije kugira ngo babasubize i muhira gutegurira abagabo babo amafunguro… Nibwiraga ko batari banakwiye kurashishwa isasu rishya! Ni iby'ukuri! Nibwiraga ko bari bari munsi y'inyamaswa ku birebana n'agaciro, bagenza batyo. Kandi nda-… Ku myaka 17 cyangwa 18, iyo nabonaga umukobwa uhise mu muhanda, narebaga hirya, nkibwira nti: 'Mbega impiri inuka.' Murabona? Kandi nakabaye ndi umuntu wari ugiye kwangana by'ukuri. Ariko ubwo nakiraga Imana mu mutima wange, Imana yanyigishije ko ifite ibirezi bike, kandi Ikaba ifite abategarugori nyabo. Ntibakiyanduze muri buriya buryo. Ikuzo ribe iry'Imana ku bw'ibyo.

85 Ubwo nari muri Afurika, ubwo nari mu Busuwisi, n'igihe nari i Roma, nta gihe batambazaga iki kibazo: "Niko, Mwenedata Branham, nta bategarugori biyubashye na busa, mugira muri Amerika, mwese? Mu ndirimbo zitugeraho zose, humvikana ikintu cyanduye ku bagore banyu."

Nsubiza nti: "Abo, ni Abanyamerikakazi". Ariko twebwe, dufite ubundi Bwami buri hariya, ni Ubwami bw'Imana. Kandi aho, abagore baho ni abategarugori ijana ku ijana!

86 Bibiliya ivuga hariya mu bahanuzi, handitswe… Ntekereza ko ari ahagana mu gice cya 5 cya Yesaya (ndabishdikanya!) hashobora kuba ari mu gice cya 5 cyangwa icya 6, buriya; handitwe ngo: "Arahirwa umukobwa w'i Siyoni, uzarokoka ibyo byose icyo gihe," uburyo abagore bakabaye bagenda mu muhanda, amasogisi yamanutse, bakabaye bagenda bayobya abagabo kandi bavunagura ingingo batyo, n'ibyo bakabaye bakora, neza neza ni ko bagenza none, neza neza cyane! Bambara imyenda ya kigabo, akaba ari ikizira mu maso y'Uwiteka Imana.

87 Vuba aha, nabonye umuryango w'abanyedini, biteguraga kugira… uburyo bw'ibirori bagiraga hafi buri mugoroba; kandi abagore bose bagendaga bambaye amakabutura y'umukino wa gorufu (golf)… cyangwa - babyita bate? Si amakabutura, biriya bindi? Iriya pantaro yitirirwa Koruse (Corse) [Mu cyongereza: "pedal pushers" (ipantaro igarukira mu mpfundiko) - U.I.], cyangwa ubwo buryo bw'ibintu hariya… Mbega! Bakeneye guterwa umugeri nka moto, ni byo. [Iteraniro riraseka. -U.I.] Mwenedata, ni urubaho rugari rutya. "Ped" rivuye kuri… "pedalien", dufite ku kirenge, kandi nta kindi bakeneye. Ni iby'ukuri. Ariko yoo, muzavuga muti: "Mu by'ukuri, noneho ndatekereza ko birutiye umugore kwambara ibyo aho kwambara ijipo."

Imana ivuga ko ari ikizira mu maso Yayo ugore kwambara… Kandi iyo umugore yiyogoshesheje nk'umugabo… Imana ishaka ko umugore agaragara nk'umugore, ko yambara nk'umugore, ko yitwara nk'umugore.

88 Kandi Ntishaka umugabo uhirimbije umusatsi n'ubwanwa bishoka bitya, wagira ngo ni imbata igaramye itya. Ishaka ko agaragara nk'umugabo! Yego yego. Mbega byiza! Bakabije kwambara kigore ku buryo bitoroshye kumenya igitsina babarizwamo! Biteye agahinda, izo bitiniki (beatniks) n'ibyo dufite none byose! Ntibitangaje kuba turi mu bihe bya nyuma: nta cyo isi ishigaje uretse ko Imana yayicuncumuriraho uburakari Bwayo maze Ikayikongora. Nta kindi. Imana yera kandi Ikiranuka, nta kindi Yakora.

Banze Amaraso ya Yesu Kristo! Bishyiriyeho inyigisho. Bishyiriyeho inzego, bashinga idini. Kandi umupadiri wera n'impamyabumenyi ihanitse ye, mu ikora rireba inyuma, yaraje ababwira aya magambo ati: "Bana bange bahawe umugisha…" Ibyo wagira ngo n'ingurube y'ingore!

Ndabizeza, icyo dukeneye none, ni ukugarukira Bibiliya na Mwuka Wera, mwenedata, maze imbaraga za Kristo wazutse zikinjira mu itorero, zikora ibimenyetso n'ibitangaza. Amina! [Iteraniro riti: "Amina!" - U.I.] Ubwo, ni bwo Butumwa Bwiza. Yego!

89 Ibyo byabyaye… Rero… Yego, ni byo, ni cyo bibyara. Ubwo bubyutse bwabyaye ibintu byiza bike hariya, ubwo bubyutse. Ariko nta Mwuka Wera byazanye. Ntibabyaye Icyo mbere y'icyo gisekuru cya Lawodikiya, mu gisekuru cya pantekote. Ariko hari ikintu kimwe cyakozwe. Ubwo bubyutse hari icyo

bwakoze Yavuzeho ati: "Ntiwemerere Icyo gupfa, gikomeze, komeza kucyagura." Murabona?

Yongeye abantu uburenganzira bwo kugera kuri Bibiliya. Igisekuru cya Luteri cyongeye gutanga uburenganzira bwo kugera kuri Bibiliya. Bashinze icapiro ryabo maze batangira gutanga Bibiliya mu isi. Imana ihe umugisha abaluteriyani ku bw'ibyo! Yego yego. Bashyize Bibiliya, Yari umwihariko wa padiri, mu biganza by'abizera batari banafite uburenganzira bwo kuyinagamo akajisho; mu by'ukuri, icyo papa yabaga yavuze, ni cyo cyahabwaga agaciro; kandi yari we, kigirwamana. Icyo yavugaga cyose cyabaga gifite imbaraga z'itegeko.

90 Rero, muri ubwo bubyutse bwa kiluteriyani, icyo bari bakeneye ngo bakomeze… Noneho, mufite Bibiliya mu biganza byanyu, nimuyisome rero! Muyizere! Ntimukayirekere kuri etajeri muvuga muti: "Mu by'ukuri, dufite Bibiliya!" Hariya, nta na gito Yaba ibamariye! Hari abaluteriyani benshi muri Pantekote ya none, bashyira Bibiliya iruhande maze bakayirutisha ibyo runaka ayivugaho! Mwenedata, soma Ijambo! "Nimucukumbure Ibyanditswe, kuko mutekereza ko muri Byo ari ho mufite Ubugingo bw'Iteka." Ni cyo gikwiye gukorwa: gusoma Ijambo! Noneho, Yavuze iti: "Nimwikomeze kuri Icyo kandi ntimwemere ko Kibacika!"

91 Kandi hari ikindi kintu Yashakaga ko abari bagifite utubaraga duke muri bo, bakomeza Bashikamye, ni… Icya kabiri cyakozwe n'ububyutse bwa kiluteriyani, ni ugushyira ahabona inyigisho yo gutsindishirizwa. Abagatolika ntabwo bemera ugutsindishirizwa: kuri bo, idini gatolika ni ryo kidakuka.

Ni nk'uriya mupadiri biherutse kubera ngombwa guhagarika ikiganiro yanyuzaga kuri radiyo hano, yavugaga ati: "Nta handi wabona agakiza usibye mu idini gatolika!" Agakiza kari muri Kristo, si mu idini gatolika, habe no mu idini rya giporoso. Ni muri Kristo agakiza kari! Ariko abagatolika bizera… Ntibita ku kivugwa na Bibiliya. Igifite agaciro kuri bo, ni icyo idini rivuga. Murabona? Kandi nta cyo mwashobora kubabwira, kuko ari nta buryo Buhari, nta buryo buriho bwo kugira icyo ubabwira. Birabahwaniye. Bafite… bazabavugisha bashingiye kuri gatigisimu yabo cyangwa ikindi nk'icyo; ariko iyo tugeze kuri Bibiliya, barayanga bati: "Icy'agaciro, ni ikivugwa na Bibiliya!"…?…

92 Yesu yavuze, kuri ibyo, Yesu ubwe Yavuze ati: "Ni hagira ugira icyo yongeraho, umugabane we uzagabanywa mu Gitabo cy'Ubugingo." Yesu yavuze ati: "Ijambo ry'umuntu ryose ribe ikinyoma, naho iry'Imana ribe Ukuri. Ijuru n'isi bizashiraho, naho Iryange ntiribe riteze kuzashira." Mbese si iby'ukuri? Yoo! Ngicyo Ikintu, mwenedata!

Ndi umwizera w'Ijambo ry'Imana. Ni iby'ukuri! Kandi sindi uw'iri Jambo ryavuzwe n'Imana byonyine, ariko nongeye kubaza Data uri mu Ijuru kumpa Mwuka Wera ngo Ahamye iri Jambo, kugira ngo Agire Kristo muzima muri nge. Rero, nzi ko mfite Ubugingo bw'Iteka; atari uko mbukwiye, Ahubwo kuko ubuntu Bwe bubinyemereye. Icyo ni cyo gitare. Yavuze ati: "Kuri icyo gitare, ni ho Nzubaka Itorero Ryange."

93 Ni byiza cyane. Ugutsindishirizwa… Ni byiza cyane. Mu by'ukuri, nyuma y'aho bagiriye icyo batagombaga kureka gipfa, Ikintu runaka cyari… bari bagifite Bibiliya mu ntoke. Ni cyo abaluteriyani bakoze. Ikindi kiyongereyeho: bagize inyigisho zo gutsindishirizwa no kwizera. Ni cyo Luteri yigishije; ntawe utabizi, ni yo yari inyigisho ye. Ugutsindi-… Ntimubona uburyo bitunganye? Hanyuma haza Wesley n'ukwezwa, hanyuma, turabona haza abapantekote n'umubatizo wa Mwuka Wera. Murabona? Biratunganye… Noneho, nda-…

94 Noneho, "Ufite bike, bikomeze rero ushikamye kandi - kandi ntiwemere ko bipfa. Ni utabyikomezaho, Nzaza nihuse nk'umujura, kandi uzasubira mu idini uromboreje." Neza neza ni cyo bakoze: basubiyeyo! "Usubira mu bunikolayiti uromboreje, kuko usubira mu idini uromboreje! Shikama! Komeza gusoma Bibiliya, komeza gutsindishirizwa, kandi wirinde gucika intege!" Ariko itsinda rito ryasigaye ni ryo ryavuyemo; itsinda rito!

Nyuma y'aho uwa mbere aziye, Luteri, Zwingli yakurikiyeho, bityo bityo, Kaluve (Calvin), bityo bityo, kugeza kuri Wesley. Ariko kuva aho hasohotse itsinda rito ryigishije ukwezwa. Kandi mu kwezwa hasohotse itsinda rito ryakomeje kugeza ku Mwuka Wera. Murabona, ririya tsinda rito ryasigaye hariya, icyo gihe cyose, barinda ibyo ngo bikomeze kubaho. Ni byiza!

95 Ariko, ku bwa gatatu, bazanye hamwe n'ibyo, imihango myinshi ya gipagani mu nyigisho, nk'idini n'umubatizo w'ikinyoma. Noneho, bazanye ukujojoberezwaho utuzi n'ibindi nk'ibyo, hamwe na Data, Umwana na Mwuka Wera. Bazanye gatigisimu. By'ukuri bari bafite… Iryo zina ryari ribakwiye by'ukuri… ibyo Yesu yavuze ati: "Ufite izina ry'uko uriho, kandi uri intumbi." Ni iby'ukuri! Ni byiza.

96 Ubwa kane, ni iby'ukuri ko Ubugorozi bwakubuye ibyinshi mu bisigazwa byabo bishashagirana n'imihango yabo ipanze neza, n'ibindi; ariko nta cyo bwagezeho mu itorero - mu gushumbusha ngo buzane ubugorozi, ntibwashoboye kugarura inyigisho z'Ubutumwa Bwiza bwuzuye hamwe n'ibimenyetso bigendana na Bwo. Idini rya kiluteriyani ntiryigeze ribona ibyo. Nta byo babonye; kandi nta byo babonye no mu gisekuru cya Wesley. Ibyo tubibonye ubu ku iherezo ry'iki gisekuru cya Lawodikiya. Mu by'ukuri, ubwo tuzatangira uwo mutwe w'ikigisho, tuzagaruka turomboreje mu Byanditswe ngo tubereke

tutibeshya uburyo Ibyo byasezeranywe. Ntibari - ntibari baragaruye ububyutse bwa Mwuka Wera.

97 Bateye umugongo ibigirwamana; kandi bateye ibigirwamana umugongo. Ni iby'ukuri. Bubitse ibigirwamana maze babijugunya hanze y'itorero! Mariya, Yozefu na - na Petero, Pawulo n'abandi bose. Bateye umugongo ibigirwamana, ariko ntibahindukirira Kristo wazutse. Luteri yabavanye ku bigirwamana, ariko abajyana mu kintu runaka nka politike cyangwa idini kugira ngo byonyine bakore irindi dini (ishusho isa n'iya mbere) kandi bagerageza kuruta ibyo binyuze mu idini.

Barakomeje kurwana none. Abametodisite bahora bashaka ko ababatisite bose bahinduka abametodisite. Kandi abaluteriyani bashaka ko ababatisite bose bahinduka abaluteriyani. Abapantekote bashaka ko ababatisite bose, abaluteriyani n'abandi bose bahinduka abapantekote. Murabona, nta kindi ibyo bikora usibye gutubura umubare w'abayoboke b'idini ryawe. Ariko iyo si gahunda y'Imana mu ntangiriro. Gahunda y'Imana yo gushumbusha, yari iyo kugarura ibyahozeho mu ntangiriro.

98 Nimutege amatwi neza. Kuzura ibyo. Niba icyo gitabo kiguye hasi, noneho gufata ikindi gitabo ngo ugishyire mu mwanya wacyo, ibyo si ukukigarura, izuka; igikwiye ni ugutoragura cya gitabo! Amina! Rero, niba itorero ryarapfuye mu gisekuru cy'icuraburindi maze rigahinduka iripagani byuzuye hano, rero ishumbusha… ni ubugorozi bufite intego yo kugorora. Ariko kugororoka no kuvuka ubwa kabiri (2) ni ibintu bibiri bitandukanye. Murabona? Bagaruye ubugorozi, bagorora, bagendera kure injojo y'ibigirwamana, n'ibindi; ariko ntibagaruye Mwuka Wera habe na busa mu itorero. Mbega, ishimwe ribe iry'Uwiteka! Mwenedata, mushiki wange, waba ushoboye kubona ibyo? Ntibigeze bagarura Mwuka Wera kuko ugarura by'ukuri Umucyo w'Ubutumwa Bwiza nyakuri… Mubitekerezeho neza! Ugarura Umucyo nyakuri w'Ubutumwa Bwiza, ni marayika w'iri torero. Kandi muzabibona kucyumweru.

99 Mu by'ukuri, bazagira imicyo ikurikira indi (n'imicyo ya gikristo!), ariko bazasubira baromboreje muri iryo dini. Ariko hari uzaza abarwanya (Yego yego!), kandi mu kanya gato azasohora ahongaho abasigaye, bidashidikanywa nk'uko mpagaze hano kuri iki gicaniro. Ni iby'ukuri! Kandi azasubira aromboreje mu ntangiriro. Kandi ngiye gufata imirongo yo mu Isezerano rya Kera n'Irishya kugira ngo mbereke ko azabikora, uwo marayika w'itorero rya Lawodikiya. Ni iby'ukuri. Azasubira aromboreje ku kintu k'intangiriro kandi azakizura ku yindi ncuro hano. Kandi izuka rizabera hano, muri iki gihe.

100 Ariko Luteri yaranyeganyeje maze asohora itorero, abari bararokotse, abari baracitse ku icumu, intambwe imwe, ukwez-… ugutsindishirizwa. Abari bararokotse bashyize ikirenge hanze y'ubupagani. Ni byiza cyane! Ubutaha, igikwiye ni uko ibirenge byombi biba hanze. Nta kindi. Kimwe na…

Mwaba mwaritegereje muri Bibiliya ko hari - hari amazi yatobotse inyuma y'urusengero? Kandi avuga ko yabonye amazi azamuka akamugera mu mavi, hanyuma igihe gikurikiyeho amazi amugera mu rukenyerero, ubukurikiyeho ararengerwa. Ariko amaze kurengerwa, yagombaga kubona uburyo bwo koga. Murabona, byamubereye ngombwa ko yoga.

Noneho, turiho turagera ahantu bizatubera ngombwa ko twoga bitaba ibyo tukarohama. Nta kindi! Ibyo bizakuroha cyangwa bigutware burundu, cyangwa bikwinjize, kimwe muri ibyo. Rero, kimwe ni ukoga, ikindi ni ukurohama! Haleluya! Mbega, nejejwe na Mwuka Wera! Wowe se? Nejejwe no kuvuga ko ndi umwe muri bo.

Ndi umwe muri bo… (bo ba nde? Si ibi, ibyo, habe na biriya, habe na biriya!)

Nejejwe no kuvuga ko ndi umwe muri bo.

Haleluya!

Umwe muri bo, umwe muri bo.

Nejejwe no kuvuga ko ndi umwe muri bo!

101 Ibyo ni byiza, si byo? Nimutege amatwi:

Bari bateraniye mu cyumba cyo hejuru,

Basengera bose mu Izina Rye.

Babatijwe na Mwuka Wera.

Mu by'ukuri, imbaraga zo gukorera Imana zaje kuri bo.

Noneho, icyo Yabakoreye kiriya gihe,

Ni na cyo Azagukorera nawe.

Nejejwe cyane no kuba umwe muri bo.

Mbega, umwe muri bo,

Ndi umwe muri bo,

Ndi umwe muri bo,

Nejejwe cyane no kuvuga ko ndi umwe muri bo,

Haleluya!

Umwe muri bo, umwe muri bo,

Nejejwe cyane no kuvuga ko ndi umwe muri bo.

Baba babarizwa muri za seminari? Oya! Bamwe nta n'ubwo bashobora kwandika izina ryabo! Ni iby'ukuri! Petero nta byo yari ashoboye. Bibiliya ivuga ko yari umuntu utari yarigeze gukandagira mu ishuri, we kimwe na Yohana. Ariko abantu byababereye ngombwa kubatega amatwi kuko bamenye ko bari abigishwa ba Yesu.

N'ubwo abo bantu batize uko bahinguka (intiti),

Cyangwa kwihimbarisha ubwamamare bw'isi

(Yoo, mbega, ishimwe ribe iry'Imana, mfite byinshi by'ibi n'ibya biriya.) Bakiriye bose Pantekote yabo, babatizwa mu Izina rya Yesu. Kandi bavuga hose noneho ko imbaraga Zayo zidateze guhinduka.

Nejejwe cyane no kuba umwe muri no

None Ndi umwe muri bo;

Umwe muri bo, umwe muri bo,

Nejejwe cyane no kuvuga ko ndi umwe muri bo!

102 Ibyo ntibyaba bibashimisha? Byonyine nejejwe no kuba umwe muri bo! Mpisemo kuba umwe muri bo aho kuba ikindi icyo ari cyo cyose. Mbega, mpisemo kuba umwe muri bo aho kuba perezida wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika cyangwa umwami w'isi yose. Nda-… Niba Umwami Yesu Ubwe yari amanukiye kumbwira ati: "Ngiye kugusubiza ku myaka 20 maze Nkugire umugenzuzi, umwami w'isi yose, hanyuma Nguhe imyaka ibihumbi cumi yo kubaho, kandi uzahora ku myaka 20, ntuzigera urwara, nta burwayi bw'umutima uzahura na bwo, uzahorana umunezero n'ibindi, uzaba umwami w'isi yose, kandi uzabaho imyaka ibihumbi cumi; cyangwa rero, uhisemo kuba umwe muri bo, kandi ugakomeza gukirana nk'uko ubigenza none?"

Nasubiza nti: "Nejejwe cyane no kuba umwe muri bo!" Nyuma y'imyaka ibihumbi cumi, ni iki cyahaba? Ariko ibi ni iby'iteka! Byashobotse bite, mwenedata? Mbega! Byashobotse binyuze mu Maraso! Ni ukuri! Byavuye kure, kandi byazanywe n'Imana yigize Umuntu maze Igaturana natwe.

103 Mu muvure muto, hambere aha (kandi nzi ko ari ukuri), Umwana w'Umuhungu yavukiye gukiza muntu ibyaha bye. Yohana yaramubonye ku nkombe ya Yorodani, Umwana w'intama w'ibihe byose. Mbega, Kristo, Uwabambwe w'i Kaluvari! Mbega, nkunda uriya Mugabo w'i Galilaya, w'i Galilaya. Kuko ari nta cyo Atankoreye! Yambabariye ibyaha byange byose maze Anyuzuza Mwuka Wera. Mbega, nkunda, nkunda uriya Mugabo w'i Galilaya. Yahishuriye umugore wo ku iriba ibyaha bye byose (Uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi ni ko Azahora iteka ryose), ko yari afite abagabo batanu kiriya gihe. Ibyaha bye byose byarababariwe maze amahoro afite uburebure amutahamo, ararangurura ati: "Nimuze mundebere uyu Mugabo w'i Galilaya!" Mbega, nkunda uwo Mugabo w'i Galilaya, w'i Galilaya kuko ari nta cyo Atankoreye! Yambabariye ibyaha byange byose maze Anyuzuza Mwuka Wera. Mbega, nkunda, nkunda uriya Mugabo w'i Galilaya. Igihe kimwe, umusoresha yagiye hariya mu rusengero gusenga, arangurura ati: "Mwami, ngirira impuhwe!" Ibyaha bye byose yarabibabariwe, maze amahoro afite uburebure amutahamo. Avuga ati: "Nimuze mundebere uyu Mugabo w'i Galilaya!"

Ndabikunda. Wowe se? Yagendesheje ikirema kandi Avugisha ikiragi. Izo mbaraga zatangazanyijwe urukundo ku Nyanja. Yahumuye impumyi, nzi ko ibyo ari nta kindi byashoboraga kuba cyo usibye ubuntu bw'uwo Mugabo w'i Galilaya.

Nimuririmbane nange muti: Mbega uburyo nkunda uwo Mugabo w'i Galilaya, w'i Galilaya kuko ari nta cyo Atankoreye. Yambabariye ibyaha byange byose maze Anyinjizamo Mwuka Wera. Mbega, nkunda, nkunda uwo Mugabo w'i Galilaya.

104 Mwebwe ntimumukunda? [Iteraniro riti: "Amina."] Yoo, yego! Ubwo Butumwa Bwiza bwa Mwuka Wera, mbega, ndabikunda! Mbukundisha umutima wange wose. Kandi muri uyu mugoroba, nejejwe cyane no kubarizwa muri bo, kandi tugateranira hamwe nka benedata na bashiki bacu, ababatisite, abametodisite, abagatolika, abaperesibiteriyani n'abandi bose, Imana yadukuye ahantu hose maze Ituzana hano muri ubu busabane bwiza bwa Mwuka Wera. Nta dini na rimwe tubarizwamo, ibyo akora birayareba (amadini),

Ahubwo turi mu Bwami bw'Imana. Twabatirijwe mu Mubiri wa Yesu Kristo binyuze mu Mwuka Wera. Ni nde? Abametodisite, ababatisite, abaperesibiteriyani cyangwa uwo ari we wese, niyinjire!

Kandi Yesu yavuze ati: "Abo Data yampaye bose bazaza aho Ndi, nta n'umwe muri bo uzarimbuka, kandi Nzamuzura ku munsi w'imperuka!" Mbega byiza! Twari dufite akamenyero ko kurirmba indirimbo ya kera hano ku gicaniro, sinzi niba dushobora kurirmba cyangwa kubireka! Umwanya, umwanya, yego, hari umwanya wange ku Iriba. Mbega, umwanya, umwanya, yego, hari umwanya, hari umwanya wawe ku Iriba. Mwaba mukunda izo ndirimbo za kera z'ubwo buryo? Nihagire uduha injyana, uwaba ayizi. Ari he umucuranzi wacu? Yaba ari hano? Mwenedata Teddy cyangwa umwe muri bo hano? Mbega! Ntawe mbona. Umwanya, umwanya, yego, hari umwanya wawe ku Iriba.

105 Mwaba mukunda izo ndirimbo za kera? Kandi n'iyi ndayikunda: Mpfukamye munsi y'umusaraba aho Umukiza wange yapfiriye, mpfukamye hariya, natakaga ngo nezweho icyaha. Hariya, Amaraso yashyizwe ku mutima wange. Ikuzo ribe iry'Izina Rye! Ikuzo ribe iry'Izina Rye! (Izina Rye ry'agaciro). Ikuzo ribe… (Duhombeke amaso, maze noneho tuyiririmbe) Mbega, Amaraso yashyizwe ku mutima wange. Ikuzo ribe iry'Izina Rye! Nakijijwe icyaha mu buryo butangaje, Yesu aguma muri nge n'ubugwaneza bwinshi. Hariya, ku musaraba, Yaranyinjije. Ikuzo ribe iry'Izina Rye! (iryo Zina ry'agaciro) Ikuzo ribe iry'Izina Rye! (Izina ry'agaciro). Hariya, Amaraso yashyizwe ku mutima wange. Ikuzo ribe iry'Izina Rye!

Noneho, mu gihe turirmba igitero gikurikiyeho, fata ikiganza cy'ukuri imbere, ukuri inyuma, hirya no hino. Ngo ino kuri iri Riba rikungahaye cyane kandi rifutse cyane. Jugunya ubugingo bwawe butindahaye ku birenge by'Umukiza. Yoo, ibira muri iryo Riba none, maze ukire. Ikuzo ribe iry'Izina Rye! Ikuzo ribe iry'Izina Rye! (iryo Zina ry'agaciro). Ikuzo ribe iry'Izina Rye! (iryo Zina ry'agaciro). Hariya, Amaraso yashyizwe ku mutima wange. Ikuzo ribe iry'Izina Rye!

Mbega, ndabikunda! Wowe se? Ikuzo ribe…! (izina ry'agaciro). Ikuzo ribe iry'Izina Rye! (Ikuzo) … Amaraso yashyizwe ku mutima wange. Ikuzo ribe iry'Izina Rye!

Mbega byiza! Biranejeje cyane! Wowe se? Nejejwe cyane no kuba naje kuri iri Riba rikungahaye kandi rifutse cyane, no kuba njugunye ubugingo bwange butindahaye ku birenge by'Umukiza!

106 Ndibuka igihe kimwe, nari nkiri akana k'imyaka ikabakaba 8, nahungaga Uwiteka. Nagiye i Burengerazuba. Nashakaga… Data yari umuntu ugendera ku ifarashi, kandi nashakaga kujya hariya ngo mbe umutoza w'amafarashi. Muri nge hari icyari gifite inyota. Yoo, ndabibasezeranije.

Nagiye kureba umubwirizabutumwa w'umubatisite, ambwira ati: "Haguruka, maze uvuge uti: Yesu ni Umwana w'Imana, kandi turandika izina ryawe mu gitabo." Ibyo ntibyanyuze.

Aho najyaga hose… Abadiventi b'umunsi wa 7, nagiye kureba umuntu, umuntu mwiza, mwenedata Barker, mwenedata mukundwa; ambwira ati: "Billy, ngo ino kandi wemere isabato y'Uwiteka" (nabikoze noneho). Ariko avuga ati: "Umunsi w'isabato…". Kandi natekerezaga nti: "Mbega! Ibyo ntibiragasubiza ibyifuzo byange." Murabona?

107 Kandi nagiye i Burengerazuba maze nibwira… nagiye kure cyane hariya, muri iryo joro. Twari dufite ikusanya ry'amatungo. Kandi murabizi, bakuraho amatandiko na igikapu k'ingando, byose bakabishyira hasi maze bakisegura iyo amatandiko. Iryo joro, nari ndyamye nubitse inda munsi y'ibyo biti bya pe (pin) bishaje. Narindaga amatungo ku manywa, naho abasore b'itsinda rya nijoro rikaba ryagiye kugarura amatungo. Kandi hari umusaza witwaga Slim, w'i Tegizasi (Texas), wari ufite igitari, hariya kandi wacurangaga: "Ikuzo ribe iry'Izina Rye!"

Kandi hari undi wamufashaga akoresheje urusokozo n'agace k'urupapuro, ako yahuhagamo. [Mwenedata Branham aririmbira mu matamatama "Ikuzo ribe iry'Izina Rye!" - U.I.] Bari bararirmbye n'izindi ndirimbo, imivugo y'abakoboyi, hanyuma batangira kurirmba "Mpfukamye munsi y'Umusaraba."

Mbega! Narahindukiye maze nshyira uburingiti bwange ku mutwe, ntya. Ndeba hejuru, murabizi, mbona izi nyenyeri zimeze nk'izimanitse hano hafi, mu bushorishori bw'ibiti kuri iriya misozi. Mu rusaku ruhoraho rwa biriya biti bya pe, nayumvaga Ivuga iti: "Uri he, Adamu we?"

108 Nko mu byumweru bitatu nyuma y'aho, namanutse mu murwa; bagenzi bange bose barasinda, ariko nge, sinanywaga. (Kandi uko biri kose, byari bikwiye, nyuma y'ibyo, ko mbipakira mu modoka maze nkabisubiza iwange). Kandi barasohokaga hariya maze bagakururana amano n'ibindi, kandi bagakora n'indi mikino y'akaga y'ubwo buryo, ukabya kwigerezaho, bacaga umurongo ugororotse aho maze bagategera amadolari 5 mu gihe babaga bashoboye kuwugendera hejuru, mu gihe batashoboraga kugenda batyo mu nzira isanzwe, murabizi. Kandi bitwaraga batyo kugeza aho basindukiye, nyuma y'aho bamariye guhembwa amafaranga yabo.

Nange, nari ndi hariya mu gihe banywaga bose, maze njya muri pariki hanyuma ndicara. Natekerezaga nti: "Mbega ibintu! Mbega ibintu!" Hashize imyaka ikabakaba 35, cyangwa 35, ntekereza ko hashize imyaka 35, nari nicaye muri pariki. Phoenix wari umurwa muto kiriya gihe, twawuzagamo

duhereye Wickenburg. Nari nicaye hariya, iyo ngofero nini isunitse inyuma, igihe akana k'agakobwa k'akayesipanyolikazi kegeraga, kihotagura, kanyuraga iruhande maze kagata agatambaro hasi, murabizi. Namubwiye nti: "Yewe, utaye agatambaro kawe!" Ntabwo byari binshishikaje.

109 Numvise urusaku ruke hariya mu muhanda, hanyuma njyayo. Hari umusore muremure wari warakijijwe, umwe mu baririmbyi ba kera bacurangira mu itsinda (orchestre); yari afite inkovu z'ubushita mu maso hose, kandi amarira yamutembaga ku matama. Yacurangaga igitari ariririmba ati: "Ikuzo ribe iry'Izina Rye!"

Mbega, yarariraga! Hanyuma, ahagarika kuririmba maze ambwira ati: "Mwenedata, ntuzi ibyo ari byo, igihe cyose uzaba utarakira uwo Kristo w'igitangaza. Ikuzo ribe iry'Izina Rye!"

Nambara ingofero yange neza maze ndigendera! Mbega byiza! Ntushobora kwihisha imbere Ye! Waba urushijeho kugira neza ubyatuye! Mbega! Ni Igitangaza! Yego, ni iby'ukuri! Nakijijwe icyaha mu buryo butangaje, Yesu atuye muri nge n'ubugwaneza bwinshi (Atuye muri nge). Hariya, ku Musaraba, ni ho Yankirije. Ikuzo ribe iry'Izina Rye! Ikuzo ribe iry'Izina Rye! (Izina) Ikuzo ribe iry'Izina Rye! Mbega, hariya, ni ho Amaraso yashyiriwe ku mutima wange. Ikuzo ribe iry'Izina Rye! Mbega, ngo ino kuri iri Riba rikungahaye kandi rifutse. Jugunya ubugingo bwawe butindahaye ku birenge by'Umukiza. Mbega, ibira muri Ryo none, maze utungane. Ikuzo ribe iry'Izina Rye!

Twubike imitwe noneho maze tuzamure ibiganza byonyine noneho! Ikuzo ribe iry'Izina Rye! Ikuzo ribe iry'Izina Rye! (Ikuzo, ikuzo!)

(Mana, Izina ry'agaciro). Hariya, ni ho Amaraso yashyiriwe ku mutima wange. Ikuzo ribe iry'Izina Rye!

110 Ikuzo ribe iry'Imana! Duhaguruke noneho. Nashakaga ko mutega amatwi ibi… (Hari mushiki wacu uvuze mu ndimi maze mwenedata umwe atanga igisobanuro.-U.I.)

Mu by'ukuri, niba hari utari azi ibyo ari byo, ni Pantekote, ni Mwuka Wera uvuga. Yesu yavuze ati: "Nimugende mu isi yose, mubwirize Ubutumwa Bwiza… Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera: bazavuga izindi ndimi; ni barambika ibiganza ku barwayi, bazakira." Ibyo bintu Yavuze byose bizasohora!

Mbega, ndanezerewe cyane! Mwaba mubona uburyo Mwuka Wera aje guhamya Ijambo? Ni Umucyo, nimuwakire, mwishidikanya! Nimuwakire byonyine kandi Izabitaho nk'uko bikorerwa umwana kandi Izabigisha. Ubwo si ubugwaneza bwa Mwuka Wera? Ni Mwuka Wera kuri twe!

Ndibuka ko kera muri Bibiliya, abantu ntibari bazi uruhande Ik'ingenzi cyajyaga guturukamo, uruhande umwanzi yaturukagamo, ariko Mwuka Wera yamanukiye muntu, maze Amubwira neza neza aho bagombaga kugana. Bagiye hariya, maze Imana iteza urujijo mu yindi ngando hanyuma Imenesha umwanzi. Ni iby'ukuri!

Mbega, turacyari mu bihe bya Bibiliya! Si byo? Kandi tuzabigumamo igihe cyose Mwuka Wera azaba agihari!

111 Mbega, duhaguruke maze turirimbe tuti:

Itwaze Izina rya Yesu (mwibuke ubu butumwa)

Mwana w'agahinda n'umubabaro,

Azakuronkera umunezero n'ihumure;

Ryitwaze aho ugiye hose.

Zina ry'agaciro (Zina ry'agaciro),

Zina ryiza!

Byiringiro by'isi n'umunezero w'Ijuru.

Itwaze Izina rya Yesu nk'ingabo igukingira umutego wose.

Ibishuko n'ibigeragezo ni bikugwa gitumo, vugira mu matamatama iryo Zina ryera mu isengesho! (Ikuzo ribe iry'Imana!)

Izina ry'agaciro (Izina ry'agaciro),

Izina ryiza! Ibyiringiro by'isi n'umunezero w'Ijuru.

112 Nimutege amatwi iki gitero.

Itwaze Izina rya Yesu nk'ingabo igukingira umutego wose.

Ibishuko n'ibigeragezo ni bikugwa gitumo,

Vugira mu matamatama iryo Zina ryera mu isengesho.

Mbega, twongere tuyiririmbe noneho ku yindi ncuro.

Itwaze Izina rya Yesu nk'ingabo igukingira umutego wose.

Ibishuko n'ibigeragezo ni bikugwa gitumo,

Vugira mu matamatama iryo Zina ryera mu isengesho.

Twubike noneho imitwe:

Zina ry'agaciro (Izina ry'agaciro),

Zina ryiza! Byiringiro by'isi n'Umunezero w'Ijuru.

Zina ry'agaciro, Zina ryiza, (Mbega uburyo Riryoshye!)

Ibyiringiro by'isi n'Umunezero w'Ijuru.

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7